Umwaka wa 44 n° 6
15 Werurwe 2005

Year 44 n° 6
15 March 2005

44ème Année n° 6
15 mars 2005

Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda	Official Gazette of the Republic of Rwanda	Jouranal Officiel de la république du Rwanda

IBIRIMO

ITEGEKO NGENGA N° 02/2005 RYO KUWA 18/02/2005 RIGENA IMIKORERE YA SENA....4

INTERURO YA MBERE : IMITERERE N'IMIKORERE YA SENA....4

UMUTWE WA MBERE : ISHYIRWAHO, IRAHIRA N'ISIMBURWA RY'ABAGIZE SENA..4

UMUTWE WA II : IMITERERE YA SENA....5

UMUTWE WA III : IMIKORERE YA SENA....25

UMUTWE WA IV : IBYEREKEYE IMYITWARIRE Y'ABASENATERI....30

UMUTWE WA V : IBYEREKEYE UKUTAVOGERWA KW'INGORO YA SENA....35

INTERURO YA II: UBURYO BWO KWEMEZA AMATEGEKO UMUTWE WA MBERE...36
IYAKIRWA RY'IMISHINGA Y'AMATEGEKO

UMUTWE WA II :KWIGA IMISHINGA Y'AMATEGEKO MURI KOMISIYO....37

UMUTWE WA III : KWIGA IMISHINGA Y'AMATECEKO MU NTEKO RUSANCE....38

UMUTWE WA IV : IMIGENDEKERE Y'IMPAKA MU GIHE BYIHUTIRWA....39

INTERURO YA III : IMIGENDEKERE Y'IMPAKA KU BYEREKEYE KUMENYA NO 40
KUGENZURA IMIKORERE YA GUVERINOMA

INTERURO YA IV : IBYEREKEYE KUREGA IMITWE YA POLITIKI....41

INTERURO YA V : INGINGO SENA IHURIYEHO N'UMUTWE W'ABADEPITE....41

INTERURO YA VI : INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA....43

ITEGEKO NGENGA N° 03/2005 RYO KU WA 25/02/2005 RIGENA UBURYO INTEKO ISHINGA AMATEGEKO IMENYA KANDI IKAGENZURA IBIKORWA N'IMIKORERE BYA GUVERINOMA....46

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE....46

UMUTWE WA II: UBURYO BWO KUMENYA NO KUGENZURA IBIKORWA....47
N'IMIKORERE BYA GUVERINOMA

UMUTWE WA III: KUVANWAHO ICYIZERE 57

UMUTWE WA IV: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA 58

ITEKA RYA PEREZIDA N° 10/O1 RYO KU WA 07/03/2005 RIGENA UBURYO IGIHANO NSIMBURAGIFUNGO CY'IMIRIMO IFITIYE IGIHUGU AKAMARO GISHYIRWA MU BIKORWA 61

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE 61

UMUTWE WA II: INZEGO ZICUNGA KANDI ZIKURIKIRANA IRANGIZWA RY'IGIHANO NSIMBURAGIFUNGO 62

UMUTWE WA III: IBIGO BYAKIRA ABARI MU GIHANO NSIMBURAGIFUNGO 69

UMUTWE WA IV: IKORWA RY'IMIRIMO Y'IGIHANO NSIMBURAGIFUNGO 72

UMUTWE WA V: IHAGARIKWA RY'IKORWA RY'IMIRIMO Y'IGIHANO NSIMBURAGIFUNGO 74

UMUTWE WA VI: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA 75

ITEGEKO NGENGA N° 02/2005 RYO KUWA 18/02/2005 RIGENA IMIKORERE YA SENA

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

SENA YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO NGENGA RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA.

Sena, mu nama yayo yo kuwa 8 Ukuboza 2004;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 4 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 55, iya 61, iya 62, iya 65, iya 67, iya 69, iya 71, iya 72, iya 73, iya 74, iya 75, iya 79, iya 82, iya 87, iya 88, iya 93, iya 94, iya 95, iya 108, iya 134; n'iya 182 ;

YEMEJE:

INTERURO YA MBERE : IMITERERE N'IMIKORERE YA SENA

UMUTWE WA MBERE : ISHYIRWAHO, IRAHIRA N'ISIMBURWA RY'ABAGIZE SENA

Ingingo ya mbere:

Mu kubahiriza ibiteganywa n'ingingo ya 73 y'Itegeko Nshinga, iri tegeko ngenga rigena imikorere ya Sena.

Ingingo ya 2:

Abasenateri batorwa cyangwa bagenwa hakurikijwe ibiteganywa n'Itegeko Nshinga cyane cyane mu ngingo zaryo iya 82, iya 83, iya 84, iya 85 n'iya 86.

Mbere yo gutangira imirimo, Abasenateri barahira indahiro iteganywa n'ingingo ya 61 y'Itegeko Nshmga imbere ya Perezida wa Repubulika, ataboneka bakarahirira imbere ya Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga. Abasenateri bashyikiriza Urwego rw'Umuvunyi inyandiko igaragaza imitungo yabo nyakuri, mu gihe cy'ukwezi nyuma y'uko batangiye imirimo, buri mwaka, n'igihe bavuye mu mirimo.

Ingingo ya 3:

Uretse abahoze ari Abakuru b'Igihugu baba Abasenateri hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 82 y'Itegeko Nshinga, manda y'Umusenateri ni imyaka umunani (8) idashobora kongerwa.

Iyo manda itangira kubarwa uhereye ku munsi Umusenateri yarahiriyeho.

Ingingo ya 4:

Umusenateri afite uburenganzira bwo kugira ikimenyetso kimuranga nk'Umusenateri nk'uko kigenwa na Sena. Imiterere y'icyo kimenyetso itangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Abasenateri bagendana ku modoka zabo ikimenyetso kigizwe n'amabara y'ibendera ry'igihugu kandi cyanditseho inyuguti "MP-S". Aho icyo kimenyetso gishyirwa n'ibyo gikozemo bigenwa na Minisitiri ufite Porotokole ya Leta mu nshingano ze.

Ingingo ya 5:

Umusenateri weguye ku murimo w'Ubusenateri ku mpamvu zinyuranye ashyikiriza Perezida wa Sena ibaruwa y'iyegura rye, akagenera kopi Perezida wa Repubulika, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

Ingingo ya 6:

Iyo Umusenateri apfuye, yeguye, asezerewe ku murimo w'ubusenateri cyangwa agize impamvu imubuza burundu kujya mu Nteko, igihe cya manda gisigaye kingana nibura n'umwaka umwe asimburwa hakurikijwe uburyo yagiyeho mu gihe kitarenze amezi atatu abarwa uhereye igihe yapfiriye, yeguriye cyangwa asezerewe. Muri icyo gihe, Perezida wa Sena asaba urwego rwamushyizeho cyangwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora iyo ari uwatowe gusimbura uwo Musenateri hakurikijwe uko amategeko abiteganya.

UMUTWE WA II : IMITERERE YA SENA

Icyiciro cya mbere : Biro ya Sena

Akiciro ka mbere : Itorwa ry'abagize Biro ya Sena

Ingingo ya 7:

Sena yitoramo abagize Biro yayo igizwe na Perezida na ba Visi-Perezida babiri nk'uko biteganywa n'ingingo ya 65 y'Itegeko Nshinga.

Perezida, na ba Visi-Perezida batangira imirimo yabo bakimara gutorwa.

Ingingo ya 8:

Itora ry'abagize Biro ya Sena rikorwa mu ibanga kandi ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'Abasenateri bahari.

Akiciro ka 2 : Inshingano za Biro ya Sena

Ingingo ya 9:

Inshingano za Biro ya Sena ni izi zikurikira:

1° kuyobora imirimo ya Sena;

2° gukurikirana imikoranire ya Sena n'izindi nzego;

3° kubahiriza no gushyira mu bikorwa ibyemezo bya Sena;

4° gukora indi mirimo ireba Sena ariko idashinzwe urundi rwego rw'imirimo;

5° gukemura ibibazo byihutirwa bigaragaye kandi byabangamira imikorere ya Sena ariko bidateganyijwe n'iri tegeko ngenga;

6° gutegura ibyajya ku murongo w'ibyigwa mu'gihembwe no mu nama y'Abaperezida.

Ibyemezo bya Biro ya Sena bifatwa ku bwumvikane busesuye bw'abayigize. Iyo ubwumvikane busesuye butabonetse ikibazo gishyikirizwa inama y'Abaperezida ikagifataho umwanzuro bisabwe na Perezida cyangwa umwe mu ba Visi-Perezida. Iyo inama y'Abaperezida idashoboye kucyumvikanaho, gishyikirizwa Inteko Rusange ikagifataho umwanzuro bwa nyuma.

Ingingo ya 10:

Inshingano za Perezida wa Sena ni izi zikurikira

I ° guhagararira Sena ku mugaragaro;

2° guhamagaza Abasenateri mu bihembwe bisanzwe n'ibidasanzwe;

3° gutangiza no gusoza ibihembwe bisanzwe n'ibidasanzwe;

4° gutumiza no kuyobora Inama z'Inteko Rusange ;

5° gukora ku buryo mu Nteko Rusange harangwa ituze;

6° gutsura umubano wa Sena n'izindi nzego zo mu gihugu no mu mahanga;

7° kuyobora no guhuriza hamwe imirimo ya Biro;

8° kuyobora Inama y'Abaperezida;

9° gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'Inama ya Biro, iy'Inama y'Abaperezida n'iy'Inteko Rusange;

10° kumenyesha Perezida wa Repubulika na Minisitiri w'Intebe gahunda y'imirimo ya Sena;

11° guhuza gahunda zinyuranye z'Abasenateri zijyanye no gusura abaturage;

12° kumenyesha Abasenateri ko ibyemezo by'Inama y'Abaminisitiri n'imigereka yabyo byashyikirijwe Biro ya Sena n'aho bashobora kubisanga;

13° kuba Umugenga Mukuru w'ingengo y'imari ya Sena;

14° gukurikiranira hafi imikorere y'Umunyamabanga Mukuru wa Sena;

15° guhuza gahunda zo kwongera ubushobozi bwa Senav

16° kuyobora imirimo y'inama igihe Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko yateraniye hamwe, kandi Perezida w'Umutwe w'Abadepite atashoboye kuboneka.

Ingingo ya 11:

Ba Visi-Perezida ba Sena bafite inshingano zo kunganira Perezida wa Sena no kumusigariraho igihe adahari. Ku buryo, bw'umwihariko, Visi-Perezida umwe ashinzwe ibi bikurikira:

1 ° gusigariraho Perezida wa Sena igihe adahari ;

2° gukurikiranira hafi imirimo ijyanye no kwiga amategeko;

3° gukurikiranira hafi imirimo ijyanye no kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'amahame remezo akubiye mu ngingo ya 9 n'iya 54 z'Itegeko Nshinga;

4° gukurikiranira hafi imirimo ijyanye no kumenya no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma;

5° gukora indi mirimo yose yasabwa na Biro yerekeranye n'inshingano ze. Visi-

Perezida wundi ashinzwe ibi bikurikira:

1° gusigariraho Perezida mu gihe Visi-Perezida ubifite mu nshingano ze z'ibanze adahari ;

2° gukurikiranira hafi imirimo ijyanye n'icungamutungo n'ubutegetsi ;

3° gukurikiranira hafi ibyerekeye imikoranire ya Sena n'izindi nzego zo mu gihugu n'izo mu mahanga ;

4° gukora indi mirimo yose yasabwa na Biro yerekeranye n'inshingano ze. Inteko Rusange ni yo igena uko ba Visi-Perezida bagabana inshingano zabo.

Ingingo ya 12:

Mu gihe cy'impaka nta na rimwe Perezida agaragaza uruhande abogamiyemo.

Mu nama ayobora, umurimo wa Perezida w'ingenzi ni uguhuza imitangire y'ibitekerezo, kwerekana aho impaka zigeze ku ngingo yigwa no kugarura abatandukira.

Agomba kwamagana uburyo bwahatira Inteko Rusange kwemera cyangwa guhakana igitekerezo iki n'iki n'uburyo ubwo ari bwo bwose bugamije kubuza Inteko Rusange gufata ibyemezo.

Ba Visi-Perezida bombi bamufasha bamwibutsa ikintu cyose cyashobora kumwisoba.

Ingingo ya 13:

Iyo Sena isuzuma ikibazo kireba Perezida wa Sena cyangwa umwe mu ba Visi-Perezida ku giti cyabo, inama iyoborwa n'utarebwa n'ikibazo. Icyo gihe, abarebwa n'ikibazo bicara mu ntebe zabagenewe nk'Abasenateri. Iyo uyoboye inama ashaka gutanga igitekerezo cye bwite, ajya mu mwanya wamugenewe nk'Umusenateri cyangwa ahandi habugenewe.

Akiciro ka 3 : Isimburwa ry'abagize Biro ya Sena

Ingingo va 14:

Inteko Rusange ya Sena ni yo yemeza ko Perezida, umwe mu ba Visi-Perezida ba Sena cyangwa bombi, cyangwa abagize Biro bose bavuye burundu mu mirimo yabo.

Icyo cyemezo gifatwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y' Abasenateri bahari bakoraniye mu nama idasanzwe.

Iyo iyo nama itatumijwe na Perezida wa Sena cyangwa umwe mu ba Visi-Perezida, itumizwa kandi ikanayoborwa n'Umusenateri uruta abandi mu myaka y'amavuko mu Basenateri bafite uburambe muri Sena.

Iyo Perezida wa Sena avuye mu mirimo ye burundu cyangwa agiye gusimbura by'agateganyo Perezida wa Repubulika, Visi-Perezida ufite mu nshingano ze iby'amategeko n'imirimo ijyanye no kumenya no kugenzura imikorere ya Guverinoma ni we ukomeza imirimo ye mu gihe hagitegerejwe amatora ya Perezida wa Sena mushya cyangwa ko uwari usanzwe muri uwo mwanya agaruka ku mirimo ye.

Ingingo ya 15:

Bisabwe nibura na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abagize Sena, inama idasanzwe ivugwa mu ngingo ya 14 y'iri tegeko ngenga itumizwa na Perezida wa Sena, umwe mu ba Visi-Perezida cyangwa Umusenateri urusha abandi imyaka mu bafite uburambe muri Sena mu gihe kitarenze iminsi ibiri (2) y'akazi uhereye igihe inyandiko ibisaba yakiriwe.

Bitewe n'urebwa n'ikibazo kigibwaho impaka cyangwa kigomba gufatirwa umwanzuro, iyo nama idasanzwe ivugwa mu ngingo ya 14 y'iri tegeko iyoborwa na Perezida wa Sena, umwe mu ba Visi-Perezida cyangwa Umusenateri uruta abandi mu myaka mu bafite uburambe muri Sena.

Ingingo ya 16:

Iyo Perezida wa Sena, umwe mu ba Visi-Perezida ba Sena cyangwa bombi bavuye burundu mu mirimo yabo, inama idasanzwe ya Sena igamije kubasimbura, itumizwa mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) uhereye ku munsi Sena yemereje ko bavuye ku mirimo yabo. Batorwa hakurikijwe nngingo ya 8 y'iri tegeko ngenga.

Iyo abagize Biro ya Sena bose bavuye burundu mu mirimo yabo, inama idasanzwe igamije itora rya Perezida mushya wa Sena na ba Visi-Perezida ba Sena ihamagazwa kandi ikayoborwa na Perezida wa Repubulika.

Iyo ari Perezida wa Sena wenyine ugomba gusimburwa, inama yo kumusimbura itumizwa kandi ikayoborwa na Perezida wa Repubulika.

Iyo ari umwe mu ba Vfisi Perezida ugomba gusimburwa cyangwa bombi, inama idasanzwe itumizwa kandi ikayoborwa na Perezida wa Sena.

Icyiciro cya 2 : Inteko Rusange

Ingingo ya 17:

Imirimo y'Inteko Rusange itangira i saa cyenda (15h00') ku minsi y'akazi ikarangira i saa kumi n'ebyiri (18h00').

Amasaha yo gutangira cyangwa gusoza imirimo y'Inteko Rusange ashobora guhinduka byemejwe ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'Abasenateri bahari.

Perezida wa Sena na ba Visi-Perezida bombi ntibashobora kugira rimwe mu butumwa cyangwa gukora indi mirimo ibabuza kuyobora imirimo y'Inteko Rusange Babiri nibura mu bagize Bfiro ya Sena bagomba kuba bahari.

Ingingo ya 18:

Abasenateri bahabwa ibyicaro by'Abasenateri bihoraho hakurikijwe ubukurikirane bw'inyuguti zitangira amazina yabo.

Hateganywa kandi umubare wa ngombwa w'intebe nibura z'Abayobozi bakurikira: iya Minisitiri w'Intebe, iza ba Minisitiri, iz'Abanyamabanga ba Leta n'abandi bagize Guverinoma.

Ingingo ya 19:

Sena iteranira mu Ngoro yayo iri mu Murwa Mukuru w'Igihugu keretse iyo bibaye ngombwa ko ikorera ahandi byemejwe n'Urukiko rw'ikirenga bisabwe na Perezida wa Sena. Igihe Urukiko rw'Ikirenga rudashobora guterana kugira ngo rufate icyemezo, Perezida wa Repubulika afata icyemezo akoresheje Itegeko-teka.

Icyo cyemezo gitangazwa hakoreshejwe uburyo bushoboka bw'itangazamakuru n'itumanaho.

Ingingo ya 20:

Muri buri nama, Abasenateri bashyira umukono ku rutonde rw'amazina rugaragaza abaje. Mbere y'uko inama itangira, Perezida wa Sena atangaza umubare w'Abasenateri bahari.

Nk'uko biteganywa n'ingingo ya 66 y'Itegeko Nshinga, kugira ngo Sena iterane ku buryo bwemewe hagomba kuba hari nibura bitatu bya gatanu (3/5) by'abayigize. Iyo uwo mubare utabonetse, Perezida wa Sena agaragaza ko inama idashobora guterana akayisubika.

Igihe habaye indi mpamvu igaragara ituma inama yari yatangiye isubikwa, Perezida wa Sena abimenyesha Inteko Rusange ikabifataho icyemezo.

Ingingo ya 21:

Iyo Sena imaze gusuzuma no gufata umwanzuro ku byari biteganyijwe ku murongo w'ibyigwa, Perezida amenyesha umunsi, isaha n'ibiri ku murongo w'ibyigwa mu nama ikurikira.

Ingingo ya 22:

Inama za Sena zikorerwa nnyandiko zivunaguye n'inyandikomvugo. Izo nyandiko zivunaguye n'inyandikomvugo ntizisomerwa mu Nteko Rusange.

Izo nyandiko zivunaguye ziba zikubiyemo incamake y'uko impaka zagenze zemezwa n'Inteko Rusange mbere y'uko zitangazwa.

Inyandiko ivunaguye yemezwa bitarenze iminsi irindwi (7) y'akazi mu gihe cy'igihembwe. Iyo minsi ibarwa bahereye ku munsi inama ireba iyo nyandiko yabereyeho.

Umusenateri wese ushaka kugira Icyo akosoraho ahabwa ijambo.

Ingingo ya 23:

Ibivugwa mu Nteko Rusange bifatwa amajwi mu byuma byabugenewe bigakorerwa inyandikomvugo. Inyandikomvugo ziba zikubiyemo uko impaka zagenze, ijambo ku rindi, ziboneka bitarenze iminsi mirongo itatu (30) nyuma y'inama z'Inteko Rusange zireba, zigahabwa Abasenateri.

Umusenateri wifuza kugira Icyo akosora ku nyandikomvugo ashyikiriza mu nyandiko Biro ya Sena ibyo akosoraho.

Inteko Rusange yemeza inyandikomvugo mu cyumweru cya kabiri cy'igihembwe gisanzwe gikurikira Icyo inama ireba iyo nyandikomvugo yabayemo.

Inyandikomvugo n'inyandiko zivunaguye zemejwe n'Inteko Rusange zimenyekanishwa hakoreshejwe uburyo bushoboka bw'itumanaho n'itangazamakuru kandi zikaboneka mu nzu y'ibitabo ya Sena mu buryo bwanditse.

Ingingo ya 24

Inama z'Inteko Rusange ya Sena zishobora gukurikiranwa na buri wese.

Cyakora, bisabwe na Perezida wa Repubulika, Perezida wa Sena, Minisitiri w'Intebe cyangwa se kimwe cya kane (1/4) cy'abagize Sena, Sena ishobora guterana mu muhezo byemejwe ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'Abasenateri bahari. Ugutangazwa kw'inyandikomwgo y'ibyawgiwemo n'uburyo bikorwamo byemezwa n'Inteko Rusange.

Ingingo ya 25:

Inyandikomvugo n'inyandiko zivunaguye z'Inteko Rusange zishyirwaho umukono na Perezida wa Sena, Umunyamabanga Mukuru wa Sena n'uwazanditse zikabikwa mu bushyinguranyandiko bwa Sena.

Ingingo ya 26:

Umusenateri wifuza gufata ijambo yiyandikisha ku ilisiti yabugenewe.

Kwiyandikisha kuri lisiti ya mbere birangira saa yine za mu gitondo ku munsi Inteko Rusange iteranaho. Mbere y'uko Inteko Rusange itangira, ilisiti ya mbere ihabwa Abasenateri. Igaragaza uko abasabye ijambo bakurikirana, igihe bamarana ijambo, byashoboka ikagaragaza n'ikiri buvugweho.

Igihe ntarengwa gihabwa buri musenateri uri kuri lisiti ya mbere ni iminota cumi n'itanu (15).

Kwiyandikisha kuri lisiti ya kabiri bikorwa uwazanye umushinga w'itegeko cyangwa ikindi kibazo gisuzumwa bamaze gusubiza abari biyandikishije kuri lisiti ya mbere. Ilisiti ya kabiri imenyeshwa Inteko Rusange mbere y'uko abayanditseho bahabwa ijambo bakamara iminota itarenze itanu (5) umwe umwe.

Ilisiti ya gatatu ari na yo ya nyuma ifungurwa ari uko ibibazo by'Abasenateri biyandikishije kuri lisiti ya kabiri byasubijwe. Ilisiti ya gatatu imenyeshwa Inteko Rusange mbere y'uko abayiyandikishijeho bahabwa ijambo, bakamara iminota itarenze itanu (5) umwe umwe.

Nta Musenateri ushobora gufata ijambo atarihawe na Perezida w'inama hakurikijwe ilisiti yatangajwe.

Minisitiri w'Intebe, ba Minisitiri, Abanyamabanga ba Leta n'abandi bagize Guverinoma, Perezida na VisiPerezida ba Komisiyo yize ikibazo, Abasenateri barebwa ku giti cyabo n'ikibazo cyigwa kimwe n'abavugizi b'imishinga y'amategeko yateguwe na Guverinoma cyangwa yateguwe n'Abadepite, bahabwa ijambo buri gihe iyo barisabye.

Nyuma ya buri lisiti, Perezida w'inama yerekana ibitekerezo byagaragajwe n'impaka.

Ingingo ya 27:

Uhawe ijambo ari ku ilisiti ya mbere ariwgira ku mwanya wabugenewe. Naho uwo ku ilisiti ya kabiri n'iya gatatu kimwe n'uwa mosiyo cyangwa uwifashe bavugira mu myanya yabo iyo bishoboka.

Ufashe ijambo wese nta wundi ashobora kubwira, uretse Perezida cyangwa Inteko Rusange.

Uburyo bukoreshwa mu gusaba ijambo ni ugukoresha ibyuma byabugenewe, bitashoboka hagakoreshwa gushyira ukuboko hejuru ikiganza kirambuye.

Ingingo ya 28:

Birabujijwe gutukana, gusarikana, gushyogozanya, gusahinda cyangwa kurogoyana mu Nteko Rusange.

Ingingo ya 29:

Nta wus;hobora guca undi mu ijambo, keretse Perezida na bwo yibutsa itegeko.

Iyo uvuga atandukiriye cyangwa asubiye mu byavuzwe, Perezida agomba kumuhagarika kandi ni we wenyine ufcte ububasha bwo kumugarura ku bibazo byigwa.

Iyo uvug,a amaze kwibutswa kabiri akagumya gutandukira cyangwa gusubira mu byawzwe, Perezida amwaka ijambo rau gihe cyose Inteko Rusange ikiga icyo kibazo.

Ingingo ya 30:

Umusenateri ashobora gusaba mosiyo itarengeje iminota itatu-kugira ngo:

I ° yibutse itegeko;

2° asubize icyo bamuvuzeho

3° asabe ko impaka zihagarara;

4° asabe ko inama rusange ihagarika imirimo gato;

5° asabe ko imirimo y'Inteko Rusange isubikwa .

Ibisabwa bivugwa mu gace ka 3°, aka 4° n'aka 5° byemezwa n'Inteko Rusange hakurikijwe ibivugwa mu ngingo ya 88 y'iri tegeko ngenga.

Iyo Umusenateri asabye ko impaka zihagarara byemerwa ari uko ibibazo byabajijwe n'Abasenateri bishubijwe. Ikimenyetso gikoreshwa mu gusaba mosiyo ni ugushyira ukuboko hejuru ikiganza gitambitse kirambuye hejuru y'ikindi kiganza kirambuye impagarike kigishyigikiye:

Ingingo ya 31:

Umusenateri wese udashoboye kwiyandikisha ku rutonde rw'abafata ijambo kandi hari ibyo yifuza gukosora bidateganyijwe n'ingingo ya 30 y'iri tegeko ngenga, yandikira uyoboye inama, uhagarariye Komisiyo cyangwa umwe mu Basenateri bari ku rutonde rw'abafata ijambo, kandi akaba ataravuga, maze agakosora iyo ngingo mu kigwi cye.

Perezida w'inama cyangwa uhagarariye Komisiyo bagomba kumenyesha Inteko Rusange icyifiizo cy'uwo Musenateri bakibona urwandiko rwe.

Ingingo ya 32:

Umusenateri wese ashobora gusaba guhindura ibiri ku murongo w'ibyigwa. Ibyifuzo bisabwa mu ibaruwa yandikwa bitarenze saa yine za mu gitondo ku munsi wateganyirijwe inama, yandikirwa Perezida wa Sena na we akabimenyesha Abasenateri akoresheje inyandiko. Icyemezo gifatwa binyuze mu bwiganze burunduye bw'amajwi y'Abasenateri bahari.

Mu gihe byakiriwe, Inteko Rusange igena igihe cyo kubyiga.

Ingingo ya 33:

Perezida w'inama yerekana aho impaka zigeze akanazihagarika iyo abasabye ijambo bose barangije kuvuga. Ihagarikwa ry'impaka ku kibazo kigwaga rishobora kandi gusabwa na Perezida, iyo abona ko Inteko Rusange yize ibibazo ku buryo buhagije, cyangwa rigasabwa n'Umusenateri ku mpamvu nk'iyo rikemezwa n'Inteko Rusange ku bwiganze burunduye bw'amajwi y`Abasenateri bahari.

Icyiciro cya 3 : Komisiyo na Komite

Akiciro ka mbere : Komisiyo zihoraho

Ingingo va 34:

Sena yiremamo Komisiyo zihoraho.

Buri Komisiyo ihoraho igirwa n'Abasenateri bane (4) nibura.

Ingingo ya 35:

Abagize Komisiyo zihoraho za Sena bagenwa mu buryo bukurikira

I° buri Musenateri yiyandikisha muri Komisiyo imwe;

2° Biro ya Sena igenzura aho Abasenateri biyandikishije noneho ikemeza abagize Komisiyo ikurikije ibi bikurikira

a. icyifuzo cya buri Musenateri;
b. umubare w'abagize buri Komisiyo; c. ibyo Komisiyo ihoraho ishinzwe;
d. ubumenyi bw'Umusenatêri mu bijyanye n'ibyo Komisiyo ishinzwe;
e. uburambe bw'Umusenateri mu mirimo ijyanye n'ibyo Komisiyo ishinzwe.

Ingingo ya 36:

Buri Komisiyo igira Biro yayo igizwe na Perezida na Visi-Perezida uyibera umuvugizi. Perezida na VisiPerezida ba buri Komisiyo batorwa n'Inteko Rusange ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'Abasenateri bahari.

Kugira ngo batorwe, ababyifuza bo muri Komisiyo babimenyesha Biro .ya Sena ikabimenyesha Inteko Rusange.

Perezida na Visi-Perezida batorwa umwe ukwe n'undi ukwe.

Iyo nta n'umwe mu biyatnamaje wabonye ubwiganze busabwa, itora risubirwamo. Iyo ubwiganze burunduye butabonetse ku nshuro ya kabiri cyangwa banganyije amajwi, itora rirongera rigasubirwamo, ubwiganze busanzwe bukaba ari bwo bukoreshwa.

Mu gihe Perezida na Visi-Perezida badahari cyangwa se bavuye ku mirimo burundu kandi bakaba batarasimburwa, Komisiyo iyoborwa n'UmuSenateri urusha abandi mmyaka y'amavuko. Umusenateri muto mu myaka kurusha abandi aba umuvugizi wayo.

Ingingo ya 37:

Manda y'abagize Biro ya Komisiyo ni igihe cy'imyaka ine (4) gishobora kongerwa.

Biro ya Komisiyo cyangwa se umwe mu bagize Bfiro ashobora gusimburwa bisabwe na bibiri bya gatatu by'abagize Komisiyo. Mu gihe kitarenze itninsi cumi n'itanu (IS) uhereye igihe bisabwe, inama yiga kuri icyo kibazo itumizwa na Perezida cyangwa Visi-Perezida ba Komisiyo bitewe n'usimburwa.

Mu gihe Perezida na Visi-Perezida bagomba gusimburwa cyangwa se utagomba gusimburwa adashobora gutumiza inama, icyo gihe itumizwa kandi ikayoborwa n'Umusenateri mukuru mu myaka y'amavuko mu batanze icyo cyifuzo.

Uko gusimburwa gukorwa mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30} kuva Inteko Rusange ifashe icyemezo, bigakorwa mu buryo buteganywa mu gika cya mbere cy'ingingo ya 36 y'iri tegeko ngenga.

Ingingo ya 38:

Komisiyo zihoraho za Sena zifite inyito n'inshingano bikurikira:

A. Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere Myiza ishinzwe amategeko n'ibibazo birebana na:

I° ivugurura ry'Itegeko Nshinga ;

2° amatora ya referendumu n'andi matora;

3 ubutegetsi bw'igihugu n'imiyoborere myiza;

4° iyubahirizwa ry'amahame-remezo akubiye mu ngingo ya 9 y'Itegeko Nshfinga cyane cyane kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside n'ibyo igaragariramo byose, amacakubiri n'ivangura iryo ari ryo ryose;

5° imikorere y'imitwe ya politiki n'imyitwarire y'abanyapolitiki;

6° dosiye z'abayobozi batorwa cyangwa bemezwa na Sena;

7° ubutabera n'imikoranire y'inzego;

8° amategeko mpanabyaha, ayerekeye imitunganyirize n'ububasha by'inkiko n'ay'imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;

9° ishyirwaho, ihindurwa, imikorere n'ivanwaho ry'inzego za Leta ;

10° uburinganire, iterambere ry'abanyarwandakazi n'urubyiruko;

11° ubumwe bw'Abanyarwanda;

12° isobanurampamo ry'amategeko mu byerekeye inshingano za Komisiyo;

Komisiyo isuzuma kandi igategura imyanzuro kuri Porogaramu na raporo z'ibikorwa bya Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge n'ibya Komisiyo,y'Igihugu yo kurwanya jenoside.

B. Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari ishinzwe amategeko n'ibibazo birebana na:

1° ubukungu n'ubucuruzi;

2° imari n'igenamigambi;

3° ubuhinzi, ubworozi n'amashyamba;

4° ingufu, amazi n'umutungo kamere;

5° imirimo ya Leta, gutwara abantu n'ibintu n'itumanaho;

6° ubutaka, imiturire no kurengera ibidukikije;

7° umushinga w'ingengo y'imari ya Sena;

8° ibitekerezo ku mushinga w'ingengo y'imari ya Leta mbere y'uko wemezwa burundu;

9° isobanurampamo ry'amategeko mu byerekeye inshingano za Komisiyo.

Komisiyo isuzuma kandi igategura imyanzuro kuri Porogaramu na raporo z'ibikorwa by'Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta.

C. Komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga Ubutwererane n'Umutekano ishinzwe amategeko n'ibibazo birebana na:

1° ububanyi n'amahanga n'ubutwererane;

2° amasezerano mpuzamahanga ;

3° porotokole ya Leta muri rusange;

4° gusuzuma no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro ikubiye muri raporo z'ubutumwa mu mahanga;

5° umutekano no kurinda igihugu;

6° imitunganyirize y'inzego z'umutekano;

7° Ingabo na Polisi by'Igihugu;

8° isobanurampamo ry'amategeko mu byerekeye inshingano za Komisiyo.

D. Komisiyo y'Imibereho Myiza y'Abaturage, Uburenganzira bwa Muntu n'ibibazo by'abaturage ishinzwe gusuzuma amategeko n'ibibazo birebana na:

1° imibereho myiza y'abaturage n' umuryango;

2° ubuzima no kurwanya SIDA n'izindi ndwara z'ibyorezo;

3° uburezi, ubushakas$atsi, ikoranabuhanga, umuco na siporo;

4° abakozi, umurimo n'ubwiteganyirize;

5° uburenganzira bwa Muntu;

6° imiryango yita ku burenganzira bwa Muntu;

7° gusuzuma ibibazo abaturage *bagejeje* kuri Sena;

8° isobanurampamo ry'amategeko mu byerekeye inshingano za Komisryo.

Komisiyo isuzuma kandi igategura imyanzuro kuri Porogaramu na raporo z'ibikorwa Urwego rw'Umuvunyi, ibya Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu kimwe n'ibya Komisiyo ishinzwe abakozi ba Leta.

Ingingo ya 39:

Kugira ngo Komisiyo yubahirize inshingano zayo, igenerwa ingengo y'imari buri mwaka.

Akiciro ka 2 : Komisiyo zidasanzwe

Ingingo ya 40:

Bisabwe na Perezida cyangwa Abasenateri batanu (5), bikemezwa n'Inteko Rusange, Sena ishobora gushyiraho Komisiyo zidasanzwe zishinzwe gusuzuma ibibazo byihariye cyangwa gushakisha amakuru ku bibazo byavutse.

Ingingo ya 41:

Abagize Komisiyo idasanzwe bashyirwaho batowe n'Inteko Rusange mu bakandida batanzwe na Biro ya Sena. Inteko Rusange ishyiraho Perezida na Visi-Perezida b'iyo Komisiyo batoranyijwe ku rutonde rw'abakandida batanzwe na Biro ya Sena.

Itora ry'abagize Komisiyo zidasanzwe, Perezida wayo na Visi-Perezida wayo rikurikiza ibiteganywa n'igika cya . mbere cy'ingingo ya 36 y'iri iegeko ngenga.

Ingingo ya 42:

Imirimo ya buri Komisiyo idasanzwe irangira iyo itanze raporo y'ibyo yagezeho kandi bigafatirwa umwanzuro n'Inteko Rusange.

Akiciro ka 3 : Komite ishinzwe kureba imyitwarire n'imyifatire y'Abasenateri no gukurikirana imikorere ya Sena

Ingingo ya 43:

Sena yitoramo Komite igizwe n'Abasenateri batanu (5) nibura ireba imyitwarire n'imyifatire y'Abasenateri ikanasuzuma ibikorwa bya Sena. Yitwa Komite muri iri tegeko ngenga.

Igira Perezida na Visi-Perezida batorwa n'Inteko Rusange hakurikijwe ibiteganywa n'igika cya mbere cy'ingingo ya 36 y'iri tegeko ngenga.

Ingingo ya 44:

Komite ishinzwe cyane cyane:

I° imyitwarire n'imyifatire y'Abasenateri haba mu Ngoro ya Sena cyangwa hanze yayo ;

2° gusuzuma ibikorwa bya Biro ya Sena, iby'Inama y'Abaperezida, iby'Amakomisiyo n'iby'Inteko Rusange. Ingingo zishingirwaho na Komite mu gusuzuma ibikorwa by'inzego za Sena zitegurwa n'Inama y'Abaperezida zikemezwa n'Inteko Rusange.

Ingingo ya 45:

Kormte iterana rimwe mu kwezi n'igihe cyose bibaye-ngombwa. Itamizwa na Perezida wayo cyangwa VisiPerezida iyo Perezida adahari cyangwa Perezida wa' Sena, abyibwirije cyangwa bisabwe na kimwe' cya gatatu (I/3) cy'Abasenateri bagize Kormte cyangwa kimwe cya gatanu (1/5) cy'Abasenateri bagize Sena.

Komite ishyikiriza raporo Inteko Rusange ikayifataho imyanzuro.

Ingingo ya 46:

Mu mirimo yayo, Komite ikurikiza ingingo zihuriweho n'Amakomisiyo ahoraho ya Sena, usibye ibiteganyijwe ukundi n'ingingo ya 43, 44 na 45 z'iri tegeko ngenga.

Ingingo ya 47:

Abari muri, Kamite bemerewe no kuba mu yandi makomisiyo ya Sena. Icyakora, Perezida na Visi-Perezida ba Komite ntibashobora kuba mu yindi Biro ya Komisiyo ihoraho kandi ntibashobora kuba mu bagize Inama y'Abaperezida.

Akiciro ka 4 :Ingingo zihuriweho na Komisiyo zose

Ingingo ya 48:

Inama za Komisiyo zitumizwa mu nyandiko na. Perezida wa Komisiyo cyangwa Visi-Perezida wa Komisiyo iya Perezida adahari, bikamenyeshwa Biro ya Sena n'abandi Basenateri.

Perezida wa Sena ashobora kandi gutumiza inama ya Komisiyo.

Buri. Musenateri ubishatse ashobora gukurikirana imirimo ya Komisiyo atanditsemo no gutanga ibitekerezq, ariko ntatora.

Ibiri ku murongo w'ibyigwa mu nama za Komisiyo bigenwa na Biro ya Komisiyq ikabimenyesha Biro ya Sena.. Umunsi, isaha n'ibiri ku murongo w'ibyigwa n'inama za Komisiyo bishyirwa ahagenewe amatangazo mu gihe cy'amasaha 24 mbere y'uko inama iterana.

Ingingo ya 49:

Umuntu wese ubishatse ashobora gukurikirana imirimo y'inama ya Komisiyo ihoraho ariko ntahabwe ijambo cyeretse inama zihariye abaturage bashobora kugiramo ijambo nk'uko bisobanurwa mu gika gikurikira:

Inama umuntu uwo ariwe wese ashobora guhabwamo ijambo, ku byerekeye umushinga uyu n'uyu cyangwa ikibazo iki n'iki zemezwa na Komisiyo kandi zigategurwa, Mu byo Komisiyo imenyesha harimo uburyo bukurikizwa mu gufata ijambo, igihe ntarengwa cy'ijambo n'uburyo abahabwa ijambo bakurikirana.

Komisiyo zakira kandi ibitekerezo byanditse cyangwa inyandiko zerekeye imishinga y'amategeko n'ibindi bibazo byigwa. Ibitekerezo byakiriwe bishyikirizwa abagize Komisiyo mu gihe gikwiye.

Inama za Komisiyo zishobora kubera rnu muhezo byemejwe na bitatu bya gatanu (3/S) by'abagize Komisiyo.

Ingingo ya 50:

Sena ishobora guhamagaza uwo ari we wese, ibona ko ari ngombwa, kuza kuyiha ibisobanuro byerekeranye n'ibyo Komisiyo isuzuma.

Ingingo ya 51:

Buri Komisiyo igira icyumba cyihariye ikoreramo inama zayo n'icyumba Biro yayo koreramo. Igira kandi abakozi n'ibikoresho byo mu biro.

lyo bibaye ngombwa, Biro ya Komisiyo ibyumvikanyeho na Biro ya Sena, Komisiyo ishobora guteranira ahandi hatari mu Ngoro ya Sena hubahirizwa i6iteganywa n'ingingo ya 48 n'iya 49 z'iri tegeko ngenga:

Ingingo ya 52:.

Kugira ngo inama ya Komisiyo iterane hagomba kuboneka nibura Abasenateri batatu (3) mu bayigize.

Ibyemezo bya Komisiyo bifatwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'Abasenateri bahari kandi bemerewe gutora.

Ingingo ya 53:

Komisiyo zishobora kwigabanyamo amatsinda, zikanagena abayagize n'inshingano zayo, noneho ayo matsinda agashyikiriza raporo Komisiyo zayashyizeho.

Biro ya Komisiyo ishobora kohereza mu butumwa imbëre mu gihugu itsinda ry'Abasenateri bagize Komisiyo bimaze kwemezwa na Biro ya Sena.

Ingingo ya 54:

Komisiyo ishyikiriza Inteko Rusange raporo. Iyo raporo iba igizwe n'inyandiko ivunaguye y'irnpaka zagiwe n'imyanzuro yagezweho.

Biro ya Komisiyo itanga raporo yayo mu magambo avunaguye ikanasubiza ibibazo ibaj jwe mu Nteko Rusange igenewe gusuzuma iyo raporo.

Ingingo ya 55:

Umusenateri wateguye ubugororangingo ashobora kujya mu nama za Komisiyo zigenewe kubusuzuma. Atora gusa iyo ari umwe mu bagize Komisiyo.

Ubugororangingo ubwo ari bwo bwose bwohererezwa Komisiyo ibigenewe mu nyandiko, kugira ngo ibusuzume inabufateho umwanzuro ushyikirizwa Inteko Rusange. Ubwo bugororangingo bumenyeshwa Abasenateri bose.

Ingingo ya 56:

Uwashyikirije Komisiyo ubugororangingo ahabwa ijambo mbere y'abandi mu nama ya Komisiyo yigirwamo igitekerezo cye.

Ingingo ya 57:

imirimo rnuri Komisiyo itangira buri gihe saa tatu za mu gitondo ikarangira saa sita z'amanywa. Amasaha ashobora guhinduka byemejwe n'ubwiganze busanzwe bw'amajwi y'Abasenateri bagize Komisiyo bahari. Icyiciro cya d : Inama y'Abaperezida

Ingingo ya 58:

Abagize Biro ya Sena n'abagize Biro za Komisiyo zihoraho bagize Inama y'Abaperezida. Umubare wa ngombwa kugira ngo Imma y'Abaperezida iterane ni bitatu bya gatanu (3/5) by'abayigize.

Ingingo ya 59:

Inama y'Abaperezida ishinzwe:

1° gutegura gahunda y'ibihembwe bisanzwe kandi igomba kwemezwa n'Inteko Rusange;

2° gushyikiriza Inteko Rusange inyandiko zivunaguye z'inama zikorwa n'Inama y'Abaperezida kugira ngo zifatweho icyemezo;

3° gushyIkiriza Inteko Rusange ibyemezo byafashwe mu buryo bwihutirwa mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) kugira ngo byemezwe;,

4° gufata imyanzuro irebana n'imirimo y'Abasenateri, iy'Inteko Rusange cyangwa iya Komisiyo; ikabishyikiriza Inteko Rusange ngo byemezwe ;

5° kwiga imishinga y'amategeko iyo byemejwe n'Inteko Rusange.

Ingingo ya 60:

Inama y'Abaperezida iterana rimwe mu kwezi n'igihe cyose bibaye ngombwa. Itumizwa kandi ikayoborwa na Perezida wa Sena. Inama y'Abaperezida itanga raporo y'imirimo yayo mu Nteko Rusange rimwe mu kwezi. Bisabwe mu nyandiko na Perezida wa Sena cyangwa se undi Musenateri, Inteko Rusange ijya impaka kuri iyo raporo.

Inama y'Abaperezida ifata ibyemezo ku bwumvikane busesuye, bitashoboka ikibazo kigashyikirizwa Inteko Rusange ikagifataho ibyemezo.

Mu gihe Inama y'Abaperezida yiga umushinga w'itegeko, yubahiriza ingingo z'iri tegeko ngenga zirebana n'uko Komisiyo zihoraho zikora mu gihe ziga imishinga y'amategeko.

Icyiciro cya 5: Inzego z'imirimo za Sena

Ingingo ya 61:

Sena igira ingengo y'imari yayo, kandi ikagira ubwigenge mu micungire y'imari n'abakozi byayo. Amafaranga ateganyijwe mu ngengo y'imari ya Sena ashyirwa kuri konti ya Sena muri Banki Nkuru y'Igihugu.

Ingingo ya 62:

Imikoreshereze y'ingengo y'imari ya Sena igenzurwa n'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta.

Ingingo ya 63:

Inzego z'imirimo za Sena zigizwe n'Urwego rw'Ubunyamabanga bukuru n'izindi za ngombwa kugira ngo Sena ikore neza.

Izo nzego zose zikuriwe n'Umunyamabanga Mukuru zikagenzurwa na Biro ya Sena.

Haseguriwe ibiteganywa n'ingingo ya 6I y'iri tegeko ngenga, abakozi ba Sena bagengwa n''Itegeko rishyiraho Sitati rusange igenga abakozi ba Leta n'inzego z'imirimo ya Leta.

Ingingo ya 64:

Inzego z'imirimo za Sena zishyirwaho n'Iteka rya Perezida wa Repubulika, abisabwe na Perezida wa Sena, zimaze kwemezwa n'Inteko Rusange ya Sena.

Umushahara n'ibindi bigenerwa abakozi ba Sena bigenwa n'Iteka rya Perezida wa Repubulika.

Ingingo ya 65:

Umunyamabanga Mukuru ashyirwaho n'Iteka rya Perezida wa Repubulika bisabwe na Biro ya 5ena. Umunyamabanga Mukuru agengwa mu buryo butaziguye na Sena kandi ni we ukuriye Inzego z'imirimo za Sena.

Umunyamabanga Mukuru akurikirana amadosiye yose yerekeranye n'Inteko Rusange.

Yakira kandi ibibazo byose by'Abasenateri kandi akabisubiza mu buryo buboneye, uko abishoboye. Iyo adashoboye kubikemura bishyikirizwa Biro ya Sena, igihe binaniranye bishyikirizwa Inteko Rusange: ikabishakira ibisubizo bidakuka.

Umunyamabanga Mukuru afite kandi inshingano zikurikira:

1° kugira inama Perezida mu byerekeye amategeko ngengamikorere ya Sena;

2° gucunga uko amafaranga ya Sena yinjira n' uko asohoka;

3º kuba umunyamabanga w'inama za Biro n' uw' Inama y'Abaperezida. Ajya muri Izo nama, ariko nta burenganzira afite bwo gufata ibyemezo

4° Gutegura no gushyikiriza Biro ya Sena raporo y'ukwezi; iy'igihembwe n'iy'utnwaka y'imirimo ya Sena;

5° kuyobora inzego z' imirimo za Sena;

6° gutegura urutonde rw'Abasenateri biluza guhabwa ijambo mu Nteko Rusange;

7° gutegura no gukurikirana imirimo yo gutora mu Nteko Rusange ;

8° gukurikirana no gushyira umukono ku nyandikomvugo n'inyandiko ziwnaguye z'Inteko Rusange.

Icyiciro cya 6 : Amahuriro y'Abasenateri

Ingingo ya 66:

Abasenateri bashobora gushyiraho amahuriro ku bibazo byihariye.

Buri Musenateri ashobora kuba mu ihuriro rimwe cyangwa menshi.

Ingingo ya 67:

Inteko Rusange ishobora kwemera ishyirwaho ry'ihuriro bisabwe n'Umusenateri cyangwa Abasenateri bishyize hamwe.

Ingingo ya 68:

Ibaruwa isaba ishyirwaho ry'ihuriro ry'Aba'senateri kimwe n'inyandiko isobanura intego, gahunda n'amategeko arigenga bishyikirizwa Perezida wa Sena na we akabishyikiriza Abasenateri hanyuma akabishyira ku murongo w'ibizigwa n'Inteko Rusange.

Ingingo ya 69:

Umusenateri cyangwa Abasenateri bishyize hamwe basabye ko hashyirwaho ihuriro ry'Abasenateri bahabwa ijambo mu Nteko Rusange kugira ngo batange ibisobanuro byerekeranye n'iryo huriro:

Ingingo ya 70:

Buri huriro rigira amategeko yihariye arigenga.

Ayo mategeko agomba kugaragaza nibura ibi bikurikira:

I° intego z'ihuriro n'igihe rizamara;

2° abemerewe kuba abanyamuryango;

3° inzego z'ihuriro;

4° inkomoko y'umutungo w'ihuriro n'uburyo ucungwa;

5° imikoranire y'ihuriro na Sena.

Ingingo ya 71:

Buri gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa, amahuriro y'Abasenateri ashyikiriza Biro ya Sena gahunda na raporo y'ibikorwa byayo. Ihuriro rishyikiriza kandi Bfiro ya Sena raporo y'umutungo waryo wa buri mwaka. Iyo raporo igaragaza neza inkomoko y'umutungo kimwe n'ikoreshwa ryawo. Biro ya Sena ishyikiriza izo raporo Inteko Rusange.

Ingingo ya 72:

Sena ishobora gutera inkunga Ihuriro ry'Abasenateri.

Ingingo ya 73:

Sena ikurikirana imikorere y'Amahuriro y'Abasenateri.

Inteko Rusange ifite uburenganzira bwo guhagarika Ihuriro ry'Abasenatêri mu gihe igena cyangwa se kurisesa iyo riciye ukubiri n'inshingano n'imikorere bya Sena.

UMUTWE WA III : IMIKORERE YA SENA

Icyiciro cya mbere : Ibyerekeye Ibihembwe Akiciro ka mbere : Ibihembwe bisanzwe

Ingingo ya 74:

Nk'uko biteganywa n'ingingo ya 71 y'Itegeko-Nshinga, Sena iterana mu bihembwe bitatu bisanzwe; buri gihembwe kimara amezi abiri:

1 ° igihembwe cya mbere gitangira ku itariki ya 5 Gashyantare;

2° igihembwe cya kabiri gitangira ku itariki ya 5 Kamena;

3° igihembwe cya gatatu gitangira ku itariki ya 5 Ukwakira.

Iyo umunsi wa mbere cyangwa wa nyuma w'igihembwe atari umunsi w'akazi, itangira cyangwa isozwa ry'igihembwe rishyirwa ku munsi ukurikira, bitashoboka rikimurirwa ku munsi wa mbere w'akazi ukurikira.

Hagati y'ibihembwe bisanzwe, imirimo ya za Komisiyo, iyo gusura abaturage n'iyo kumenya no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma yo irakomeza.

Haseguriwe ibiteganyijwe n'ingingo ya 80 y'iri tegeko ngenga, Abasenateri bagira ikiruhuko cy'iminsi isanzwe murongo itatu (30) hagati y'igihembwe gisanzwe cya kabiri n'icya gatatu, bagahagarika imirimo yabo.

Inteko Rusange ni yo igena igihe icyo kiruhuko gitangirira n'igihe kirangirira.

Ingingo ya 75:

Mu nama ya mbere y'igihembwe gisanzwe, Inteko Rusange ya Sena yemeza ibiri ku murongo w'ibyigwa by'igihembwe cyose.

Ingingo ya 76:

Abasenateri bahamagarwa mu gihembwe gisanzwe na Perezida wa Sena iminsi cumi n'itanu (15) mbere y'uko Inteko Rusange iterana akoresheje urwandiko n'ubundi buryo bwose bw' itangazamakuru n'itumanaho bikubiyemo ibiri ku murongo w'ibyigwa. Perezida wa Repubulika na Minisitiri w'Intebe bagenerwa kopi y'urwo rwandiko.

Buri gihe ibikorwa bya Sena bitangazwa hakoreshejwe uburyo bunyuranye bw'itangazamakuru n'itumanaho.

Akiciro ka 2 : Ibihembwe bidasanzwe

Ingingo ya 77:

Perezida wa Sena ashobora gutumiza Inteko Rusange mu gihembwe kidasanzwe amaze kugisha inama abandi bagize Biro, abyibwirije, cyangwa abisabwe na Perezida wa Repubulika, na we abisabwe na Guverinoma cyangwa bisabwe na kimwe cya kane (1/4) cy'abagize Sena.

Ingingo ya 78:

Abasenateri bahamagarwa mu gihembwe kidasanzwe na Perezida wa Sena akoresheje inyandiko n'ubundi buryo bwose bw'itangazamakuru n'itumanaho. Perezida wa Repubulika na Minisitiri w'Intebe bagenerwa kopi.

Inyandiko zitumira ziba zikubiyemo mu buryo bunonosoye ibiri ku murongo w'ibyigwa akaba ari na byo byonyine Inteko Ruwnge ishobora kuzajyaho impaka.

Mbere yo gutangira kujya impaka izo ari zo zose, Inteko Rusange ibanza gusuzuma niba impamvu zitangwa kugira ngo Sena iterane mu gihembwe kidasanzwe zifite ishingiro hanyuma ikemeza ibiri ku murongo w'ibyigwa.

Icyiciro cya 2 : Ibyerekeye gucisha mu majwi

Ingingo ya 79:

Sena igaragaza ibyemezo byayo ikoresheje gucisha mu majwi.

Mbere yo gucisha mu majwi, Perezida atangaza umubare w'Abasenateri bitabiriye inama ashingiye ku bashyize umukono ku nutonde rw'amazina ruvugwa mu ngingo ya 20 y' iri tegeko ngenga.

Gucisha mu majwi bikorwa hakoreshejwe bumwe muri ubu buryo:

1° ubwumvikane busesuye;

2° gukoresha ibyuma byabugenewe;

3° gushyira ukuboko hejuru;

4° guhamagara buri wese mu izina rye;

5 kwandika mu ibanga.

Uburyo bw'ubwumvikane busesuye, gushyira ukuboko hejuru cyangwa se gukoresha ibyuma byabugenewe ni bwo bwonyine bukoreshwa iyo Sena ijya impaka ku bitari amategeko.

Itora mu ibanga rikorwa igihe Inteko Rusange igomba gufata ibyemezo bireba abantu ku giti cyabo cyangwa bisabwe na kimwe cya gatanu (1/5) cy' Abasenateri bahari bikemezwa n'Inteko Rusange.

Iyo hatorwa ingingo zigize itegeko hakoreshwa ibyuma byabugenewe cyangwa kuzamura ukuboko.

Iyo hatorwa itegeko ryose hakoreshwa guhamagara umuntu mu izina rye.

Muri icyo gihe, Umunyamabanga Mukuru wa Sena cyangwa Umusimbura we ahamagara Abasenateri akurikije inyuguti zitangira amazina yabo.

Uhamagawe asubiza mu ijwi riranguruye avuga cyego», «oya» cyangwa « ndifashe».

Ijwi ry'Umusenateri utagaragaje igitekerezo cye mu matora kandi yaje mu nama ribarwa nk'imfabusa.

Abasenateri ntibagendera ku mabwiriza y'uwo ari we wese igihe batora. Uburenganzira bwo gutora ni ubw' umwe mu bagize Sena ku giti cye.

Ingingo ya 80:

Iyo hari ibitagenze neza mu matora, itora risubirwamo nta mpaka, hakimara gutangazwa uko amatora yagenze, iyo bisabwe kandi bigaragajwe n'umuyobozi w'inama cyangwa nibura Abasenateri batatu (3).

Iyo isubirwamo ry'amatora ridashoboye gukemura impaka bitewe n'uko hari abatanyuzwe n'itora, bacisha mu majwi bahamagara buri wese mu izina rye.

Iyo ingingo ibuze amajwi ya ngombwa iba ivuyemo. Cyakora, nyuma yo kubara amajwi, iyo ngingo ibuze amajwi ya ngombwa, Umusenateri, Komisiyo yize umushinga cyangwa uwuhagarariye, babinyujije ku muyobozi w'inama,.bashobora gusaba ko iyo ngingo isubizwa muri Komisiyo. Ibi bigomba kwemezwa n'Inteko Rusange.

Iyo ari ikibazo cyangwa igitekerezo cyatorewe ntihagire icyemezo kiganza ikindi gisubizwa uwakizanye.

Iyo mu gutora umushinga w'itegeko wose hatabonetse ubwiganze bw'amajwi buteganywa n'ibika icya 5 n'icya 6 by'ingingo ya 93 y'Itegeko Nshinga, Biro ya Sena imaze kubijyaho inama n'Inama y.'Abaperezida iwugarura mu Nteko Rusange nyuma y'iminsi 15 kugirango wongere utorerwe.

Ingingo ya 81:

Mbete yo kwemeza abayobozi bavugwa mu ngingo ya 88 y'itegeko Nshinga, Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere myiza isuzuma Imishinga y'Amateka ashyiraho Abayobozi bemezwa na Sena.

Igihe cyo gusuzuma iyo mishinga y'Amateka, Komisiyo ishobora gutumira mu nama zayo Abayobozi bagomba kwemezwa cyangwa undi muntu wese wayiha ibisobanuro ikeneye.
Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere myiza ishyikiriza raporo n'imyanzuro Inteko Rusangê ikayifataho ibyemezo ku bwumvikane busesuye, bitashoboka hagakorwa itora mu ibanga.

Ingingo ya 82:

Dosiye z'Abayobozi batorwa na Sena bavugwa mu ngingo ya 88 y'Itegeko Nshinga, zigirwa mu Nteko Rusange. Itora rikorwa mu ibanga.

Buri mukandida utorwa ahabwa umwanya wo kwibwira Abasenateri. Igfhe gihabwa buri wese kigenwa na Perezida wa Sena.

Ingingo ya 83:

Iyo gucisha mu majwi bibaye bandika mu ibanga, Umunyamabanga Mukuru wa Sena cyangwa umusimbura aha buri Musenateri uhari urupapuro ruriho gusa kashe ya Sena n'umukono wa Perezida w'inama washyizweho mbere.

Buri Musenateri umaze gutora azinga urupapuro rwe akarushyira mu isanduku yabigenewe.

Ibarura ry'impapuro zatoreweho n'iry'amajwi rihita rikorerwa imbere y'Abasenateri rigakorwa n'uhagarariye Biro ya Sena abifashijwemo n'Abasenateri babiri bashyirwaho na Perezida w'inama hamwe n'Umunyamabanga Mukuru wa Sena.

Impapuro zitatoreweho, buri rupapuro ruriho ikimenyetso cyangwa ikindi kidahuye n'ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ziba imfabusa.

Impapuro zose ziriho ibindi bitari ibitorerwa ziba na zo imfabusa.

Ihgingo ya 84:

Iteka nyuma yo gucisha mu majwi, haba hakoreshejwe gushyira ukuboko hejuru, gukoresha ibyuma byabigenewe cyangwa guhamagara buri wese mu izina rye, Perezida yemerera Abasenateri bifashe, iyo babisabye kuvuga mu minota itarenze itatu, impamvu zatumye bifata. Izo mpamvu ntizishobora kugibwaho impaka.

Ingingo ya 85:

Iyo inama yatoye ikoresheje gucisha mu majwi mu ibanga irangije imirimo yayo, impapuro zatoreweho zitwikirwa imbere y'Inteko Rusange.

Ingingo ya 86:

Nta wushobora guhabwa ijambo cyangwa mosiyo mu gihe cyo gucisha mu majwi.

Ingingo ya 87:

Uburyo ubwo ari bwo bwose bakoresha bacisha mu majwi, buri Musenateri afite ijwi rimwe gusa. Nta Musenateri ushobora gutorera undi Musenateri.

Ingingo ya 88:

Bitabangamiye ibiteganywa n'ingingo ya 79 y'iri tegeko ngenga, ibyemezo bya Sena bifatwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'Abasenateri bahari, uretse ibiteganyijwe ukundi n'Itegeko Nshinga n' iri tegeko ngenga.

Iyo Inteko Rusange igomba gufata icyemezo ku bindi bitari amategeko Perezida abaza ko hari Umusenateri udashyigikiye umwanzuro atanze cyangwa watanzwe n'undi Musenateri. Iyo atabonetse, icyemezo kiba gifashwe ku bwumvikane busesuye. Iyo habonetse utabyemeye, hakoreshwa gucisha mu majwi bakoresha ibyuma byabugenewe cyangwa bashyira ukuboko hejuru. Muri icyo gihe kandi si ngombwa kubarura amajwi keretse iyo nta ruhande rwiganje kurusha urundi ku buryo budakurura impaka.

UMUTWE WA IV : IBYEREKEYE IMYITWARIRE Y'ABASENATERI

Icyiciro cya mbere: Imyitwarire rusange y'Abasenateri

Ingingo ya 89:

Umusenateri agomba kuba inyangamugayo n' indakemwa, yaba ari mu mirimo ya Sena cyangwa atayirimo. Agomba kwirinda cyane cyane:

1° ubusinzi;

2° ubuhemu;

3° ibikorwa by'urugomo;

4° gukoresha ububasha yahawe mu nyungu ze bwite;

5° indi myitwarire imutesha agaciro ubwe cyangwa urwego arimo.

Umusenateri ugaragayeho amakosa avugwa muri iyi ngingo ashobora kwihanangirizwa, kugawa ku mugaragaro cyangwa gukurwa muri Sena byemejwe na bitatu bya gatanu (3/5) by'Abasenateri bahari.

Ingingo ya 90:

Impaka zishingiye ku cyemezo cya Sena cyo kwirukanwa muri Sena hakurikijwe ibivugwa mu ngingo ya 89 y'iri tegeko ngenga ziburanishwe ku rwego rwa mbere n'Urukiko Rukuru rwa Repubulika, ubujurire bugashyikirizwa Urukiko rw'Ikirenga ku rwego rwa nyuma:

Ingingo ya 91:

Umusenateri waciriwe igihano ku buryo budasubirwaho n'urukiko kubera icyaha cy'ubugome ahita asezererwa muri Sena byemejwe n'Urukiko rw'Ikirenga.

Ingingo ya 92:

Bitewe n'ikosa yakoreye mu nama z'Inteko Rusange ya Sena, Umusenateri ashobora gufatirwa ibyemezo bikurikira:

1° kwibutswa kwitonda;

2° kwihanangirizwa mu magambo;

3° kwihanangirizwa bikandikwa mu nyandikomvugo ;

4° kuvanwa by'agateganyo mu mwanya wagenewe Abasenateri ;

5° guhezwa mu nama yakurikiranaga;

6° guhezwa mu nama eshanu zikurikirana;

7° kwamburwa bimwe mu byo agenerwa;

8° kugawa mu ruhame.

Ibyemezo bivugwa kuva mu gace ka kane (4°) kugeza mu gace ka munani (8°) bifatwa n'Inteko Rusange.

Ingingo ya 93:

Umusenateri ubuza ituze mu Nteko Rusange, Perezida w'inama amuhamagara mu izina rye amwibutsa kwitonda. Iyo asubiriye, uyoboye inama aramwihaniza, kandi bigashyirwa mu nyandikomvugo.

Iyo uwo Musenateri abikomeje cyangwa agaragaweho n'irindi kosa rikomeye, uyoboye inama amutegeka kuva by'agateganyo mu myanya yagenewe Abasenateri, kandi byemejwe n'Inteko Rusange.

Ingingo ya 94:

Guhezwa k'Umusenateri mu Nteko Rusange kunatuma abuzwa gukurikvana imirimo y'Inteko Rusange no gufata icyemezo muri yo, mu gilie cyose cy'inama yahejwemo.

Ingingo ya 95:

Iyo Umusenateri wahejwe mu Nteko Rusange yanze kuva mu mwanya wagenewe Abasenateri, Perezida w'inama ayihagarika by'igihe gito cyangwa burundu. Icyo gihe Umusenateri ahezwa, ku buryo budakuka, mu nama eshanu (5) zikurikira. Anamburwa kimwe cya kane (1/4) cy'ibihembo agenerwa mu kwezi kumwe kandi akagawa ku buryo bwanditse.

Ingingo ya 96:

Umusenateri wahejwe ashobora gusaba imbabazi zo gukurirwaho ibihano, akoresheje inyandiko. Perezida wa Sena asomera iyo nyandiko abari mu Nteko Rusange, ikaba ari yo ifata umwanzuro.

Ingingo ya 97:

Uguheiwa k'Umusenateri mu nama z'Inteko Rusange gukurwaho n'ibi bikurikira:

I° iyo igihe Umusenateri wahejwe yahawe kirangiye;

2° iyo Umusenateri wahejwe asabye imbabazi Sena kandi akazihabwa;

3° iyo Sena ifashe icyemezo cyo kwisubiraho.

Ingingo ya 98:

Iyo abari mu Nteko Rusange bateye isahinda, Perezida w'inama abibutsa kugarukana ituze. Iyo bakomeje, Perezida w'inama arayihagarika, Abasenateri bakaba basohotse.

Inama yongera guterana iyo Perezida w'inama abona ko ituze rihagije ryagarutse.

Ingingo ya 99:

Umusenateri wasibye inama eshatu (3) nibura zikurikirana z'Inteko Rusarige cyangwa iza Komisiyo, kimwe n'Umusenateri wasibye inama esheshatu (6) mu gihembwe atarabimenyesheje Perezida wa Sena cyangwa Perezida wa Komisiyo, cyangwa Biro ya Sena cyangwa iya Komisiyo ikabona ko impamvu atanga zidafite ishingiro, ikibazo cy'uwo Musenateri gishyikirizwa Inteko Rusange ifata icyemezo cyo kumwihanangiriza kandi akabimenyeshwa mu nyandiko.

Iyo uwo Musenateri wihanangirijwe atisubiyeho ashobora guhabwa ibihano byo kwamburwa igice cy'ibihembo agenerwa mu gihe cyagenwa n'Inteko Rusange, kugawa mu ruhame cyangwa gukurwa muri Sena byemejwe na bitatu bya gatanu (3/5) by'abagize Sena.

Icyiciro cya 2 : Imirimo itabangikanywa n'Ubusenateri

Ingingo ya 100:

Bitabangamiye ibivugwa mu ngingo ya 82 y'Itegeko Nshinga, imirimo itabangikanwa n'iy'ubusenateri ni iyo kuba:

1° Perezida wa Repubulika ;

2° mu bagize Guverinoma ;

3° Umudepite ;

4° mu bagize Inama Njyanama y'Akarere, iy'Umujyi cyangwa y'Umujyi wa Kigali ;

5° umukozi wo mu Karere, uwo mu Mujyi cyangwa uwo mu Mujyi wa Kigali ;

6° umucamanza ;

7° umushinjacyaha ;

8° mu bagize Komisiyo zihoraho ziteganywa n'Itegeko Nshinga cyangwa izindi zashyirwaho n'Ubutegetsi Nyubahirizategeko;

9° mu bagize Inama y'Ubuyobozi mu kigo cya Leta cyangwa ikigo Leta ifitemo imigabane, cyangwa umugenzuzi w'imari w'icyo kigo;

10° Umuyobozi w'ikigo cy'ubucuruzi cyangwa umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi yacyo;

11° umukozi wa Leta cyangwa umukozi wo mu kigo cya Leta ;

12° umukozi ugengwa n'amasezerano y'umurimo ;

13° mu nzego zishinzwe amatora ;

14° mu Ngabo z'Igihugu, muri Polisi y'Igihugu cyangwa mu rwego rw'Igihugu rushinzwe umutekano.

Umusenateri ukora umwuga wa Avoka ntashobora kuburana ubwe imanza izo arizo zose. Ibiro bye byemerewe kuburana imanza uretse izo Leta iregamo cyangwa iregwamo.

Ingingo ya 101:

Umusenateri yirinda igikorwa cyose cyabangamira ubwigenge n'ukutabogama bye mu nshingano yo kumenya no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma.

Umusenateri ntiyemerewe, haba ku giti cye cyangwa binyuze mu kigo afitemo imigabane, kujya mu masoko ya Leta arebana n'Inteko Ishinga Amategeko kimwe n'andi yose atanzwe mu buryo bw'ubwumvikane cyangwa bwo kugabanya umubare w'abapiganwa.

Ikigo cy'Umusenateri cyangwa ikigo Umusenateri afitemo imigabane, bishobora gupiganira andi masoko ya Leta uretse avugwa mu gika cya kabiri cy'iyi ngingo. Muri icyo gihe, abo bireba babimenyesha Perezida wa Sena n'Umuvunyi Mukuru bashobora kubyifashisha bibaye ngombwa.

Ingingo ya I02:

Uretse abantu bavugwa mu duce twa 6°, 13° na 14° tw'igika cya mbere cy'ingingo ya 100 y'iri Tegeko Ngenga, imirimo itabangikana n'iy'Ubusenateri ivugwa mu ngingo ya 100 y'iri Tegeko Ngenga ntibuza uyikora gutorwa cyangwa gushyirwa muri Sena.

Icyakora akimara kurahira, uwo Musenateri ahita yegura ku mirimo yakoraga bikamenyeshwa Perezida wa Sena n'Umuwnyi Mukuru.

Ingingo ya 103:

Iyo hari Umusenateri ubona ko afite inyungu bwite ku buryo bwihariye mu kibazo kigwa na Sena haba muri Komisiyo cyangwa mu Nteko Rusange, Umusenateri bireba agomba kubimenyesha Inteko Rusange cyangwa Komisiyo kandi akifata.

Icyiciro cya 3 : Ukudahungabanywa kw'Abasenateri

Ingingo ya 104:

Nk'uko biteganywa n'ingingo ya 69 y'Itegeko Nshinga, nta Musenateri ushobora gukurikiranwa, gushakishwa, gufatwa, gufungwa cyangwa gucirwa urubanza azira ibitekerezo yagaragaje cyangwa uko yatoye, mu gihe akora imirimo ashinzwe.

Mu gihembwe, nta Musenateri ukekwaho icyaha cy'ubugome cyangwa gikomeye, ushobora gukurikiranwa cyangwa gufatwa, keretse bitangiwe uburenganzira na Sena.

Iyo atari mu gihembwe, nta Musenateri ushobora gufatwa Biro ya Sena itabitangiye uburenganzira, keretse yafatiwe mu cyuho akora icyaha cy'ubugome; Biro yaratanze uburenganzira bwo kumukurikirana, cyangwa yaraciriwe igihano ku buryo budasubirwaho.i

Ingingo ya 105:

Mu manza z'inshinjabyaha, Perezida wa Sena aburanishwa, mu rwego rwa mbere n'urwa nyuma, n'Urukiko rw'Ikirenga nk'uko biteganywa n'ingingo ya 145-8° y'Itegeko Nshinga.

Icyiciro cya 4: Ubutumwa bw'Abasenateri

Ingingo ya 106:

Umusenateri ashobora koherezwa mu butumwa imbere mu gihugu byemejwe na Perezida wa Sena. Ubutumwa bushobora gukorwa n'Umusenateri cyangwa itsinda ry'Abasenateri mu rwego rwa Komisiyo; hagamijwe gusura abaturage, ibikorwa by'amajyambere cyangwa kwitabira gahunda za Leta Umusenateri yatumiwemo.

Umusenateri ashobora kandi koherezwa mu butumwa mu mahanga byemejwe na Perezida wa Repubulika abisabwe na Perezida wa Sena.

Ingingo ya 107:

Igihe Umusenateri ari mu butumwa, yitwaza impapuro zabigenewe.

Ingingo ya 108:

Iteka rya Perezida wa Repubulika rigena ibigenerwa Umusenateri ugiye mu butumwa.

Ingingo ya 109:

Iyo Umusenateri avuye mu butumwa ashyikiriza Perezida wa Sena raporo y'ubwo butumwa mu gihe kitarenze iminsi icumi (10).

Ingingo ya 110:

Ushinzwe Umutekano woherejwe n'inzego za Leta zibishinzwe ujyanye n'Umusenateri mu butumwa ahabwa na Sena amafaranga y'ubutumwa angana n'ay'abandi bakozi ba Leta bari mu cyiciro kimwe..

UMUTWE WA V : IBYEREKEYE UKUTAVOGERWA KW'INGORO YA SENA

Ingingo ya 111:

Uretse Umusenateri cyangwa umukozi wa Sena wabugenewe nta muntu uwo ari we wese ushobora kwinjira ku mpamvu izo ari zo zose mu myanya yagenewe Abasenateri keretse uwabiherewe uruhushya n'umuyobozi w' inama.

Abakozi ba Sena bambara ibimenyetso bibaranga, mu gihe bari mu kazi.

Ingingo ya 112:

Ingoro ya Sena kimwe n'ibiyirimo byose birarindwa.

Umutekano w'Ingoro ya Sena ubumbatirwa n'Umutwe wihariye wa Polisi y'Igihugu, ariko imikorere yawo ikagenzurwa na Biro ya Sena. Uwo Mutwe wa Polisi urangwa n'imyenda yihariye, itandukanye n'iy'indi Mitwe ya Polisi y'Igihugu cyangwa urundi rwego rushinzwe umutekano.

Birabujijwe kwinjirana intwaro mu Ngoro ya Sena.

Iyo hari abacunga Umutekano bitwaje intwaro bashaka kwinjira mu Ngoro ya Sena, kandi atari abashinzwe Umutekano wa Sena, intwaro zabo bazibikisha abashinzwe Umutekano w'Ingoro ya Sena; keretse abashinzwe Umutekano wa Perezida wa Repubulika, cyangwa uw'abandi bashyitsi bo ku rwego rwe baba bagendereye Sena.

Iyo abashinzwe Umutekano bo hanze bakeneye gukurikirana umuntu uri mu kigo cy'Ingoro ya Sena, babicisha kuri Perezida wa Sena cyangwa umusimbura.

Ingingo ya 113:

Abantu batari Abasenateri cyangwa abakozi ba Sena, binjira mu cyumba cy'Inteko Rusange banyuze mu miryango yihariye yabugenewe. Bicara mu myanya yabagenewe mu mutuzo. Iyo Inteko Rusange igihe gukorera mu muhezo barasohoka.

Birabujijwe kwinjirana, mu cyumba cy'Inteko Rusange, telefone igendanwa yaka cyangwa kuyakirizamo. Biranabujijwe kwinjirana icyo ari cyo cyose gishobora guhungabanya imigendekere myiza y'imirimo y'Inteko Rusange.

Ingingo ya 114:

Mu gihe cy'imirimo y'Inteko Rusange, abantu bari mu myanya yagenewe abatari Abasenateri baricara, bagatuza. Bagomba kuba bambaye ku buryo buboneye.

Sena igira ibyuma bisakaza amajwi n'amashusho ajyanye n'imirimo y' Abasenateri igihe baba bayikora. Ayo mashusho n'amajwi byafashwe bigezwa kuri rubanda hakoreshejwe uburyo bw'itumanaho n'itangazamakuru.

Ingingo ya 115:

Umuntu wese utari Umusenateri ubuza umutekano mu Nteko Rusange ahita yirukanwa ku itegeko ry'uyiyoboye utanga amabwiriza ya ngombwa ku babishinzwe.

Iyo uwo muntu wirukanywe yari yakoze icyaha gihanwa n'amategeko, ashyikirizwa ubucamanza bidatinze.

Ingingo ya 116:

Ingingo z'iri têgeko ngenga zirebana n'ukutavogerwa kw'aho Sena ikorera zimanikwa ku nzugi z'aho rubanda rwinjirira.

INTERURO YA II: UBURYO BWO KWEMEZA AMATEGEKO UMUTWE WA MBERE IYAKIRWA RY'IMISHINGA Y'AMATEGEKO

Ingingo ya 117:

Imishinga y'amategeko yemejwe n'Umutwe w`Abadepite iherekejwe n'igaragazampamvu na raporo y'inama yayemeje yohererezwa Sena yanditswe mu ndimi eshatu zemewe n'amategeko. Biro ya Sena iyishyikiriza Abasenateri mu minsi irindwi uhereye ku munsi yayiboneyeho.

Ingingo ya 118:

Mbere yo kujya impaka zo kwemeza ishingiro ry'umushinga w'itegeko uri mu ndimi eshatu zemewe n'amategeko uwo mushinga uratuburwa, ugashyikirizwa Abasenateri, hasigaye nibura iminsi irindwi ngo usuzumwe mu Nteko Rusange.

Impaka rusange zigibwa mu Nteko Rusange nyir'umushinga ahibereye atanga ibisobanuro bijyanye n'umushinga.

UMUTWE WA II : KWIGA IMISHINGA Y'AMATEGEKO MURI KOMISIYO

Ingingo ya 119:

Perezida wa Sena yohereza muri Komisiyo ibifite mu nshingano zayo umushinga w'itegeko umaze kwemerezwa ishingiro.

Abasenateri bafite ubugororangingo ku mushinga w'itegeko babushyikiriza Perezida wa Komisiyo bireba, mu nyandiko, bakagenera kopi Abasenateri bose kugira ngo bashobore gukora ubugororangingo bw'ingoboka igihe bibaye ngombwa. Ubwo bugororangingo bw'ingoboka bushyikirizwa Perezida wa Komisiyo mu nyandiko. Ubugororangingo bwatanzwe mu nyandiko n'Abasenateri bwitabwaho.

Umushinga uvuye muri Komisiyo ntiwongera kugibwaho impaka rusange mu Nteko Rusange.

ingingo ya 120:

Mu gihe Komisiyo ihoraho imenyesheje ko nta bubasha ifite bwo kwiga umushinga w'itegeko uyu n'uyu, cyangwa iyo ubwo bubasha buhuriweho na Komisiyo zinyuranye, Inama y'Abaperezida ni yo yemeza Komisiyo igomba kuwiga.

ingingo ya 121:

Komisiyo ibinyujije kuri Biro ya Sena, ishobora gutumiza Minisitiri, Umunyamabanga wa Leta, umuntu uwo ari we wese cyangwa urwego urwo ari rwo rwose bireba, ngo baze gutanga ibisobanuro birambuye ku mushinga w'itegeko ubareba uba usuzumwa na Komisiyo.

Komisiyo ikora raporo yerekeye ubugororangingo yashyikirijwe nk'uko iyikora ku mushinga w'itegeko. Raporo ya Komisiyo ku mushinga w'itegeko ryose ishyikirizwa Abasenateri hasigaye nibura iminsi irindwi mbere y'uko igibwaho impaka n'Inteko Rusange.

Raporo ku ngingo yasubijwe muri Komisiyo ishyikirizwa Abasenateri, hasigaye nibura iminsi ibiri ngo isuzumwe n'Inteko Rusange.

Igihe cyose Inteko Rusange itaratorera umushinga w'itegeko ryose, Komisiyo ishobora kwiga bundi bushya ingingo yatowe byemejwe n'Inteko Rusango, maze igashyikiriza raporo Inteko Rusango kugira ngo iyitorere bundi bushya.

UMUTWE WA III : KWIGA IMISHINGA Y'AMATECEKO MU NTEKO RUSANCE

ingingo ya 122:

impaka zigibwa mu Nteko Rusango ziri ukubiri : impaka rusange n'impaka ku ngingo.

impaka rusange zigibwa mu buryo buteganywa n'ingingo ya 118 y'iri tegeko ngenga zerekeye ishingiro ry'umushinga w'itegeko, umushinga w'itegeko wose muri rusange, cyangwa buri gice cyawo.

Impaka ku ngingo zigibwa kuri buri ngingo no kuri buri bugororangingo. Izo mpaka zigibwa nk'uko biteganywa n'ingingo ya 26 y'iri tegeko ngenga.

Ubugororangingo bw'imyandikire ntibugibwaho impaka, ntibunatorerwa.

Ingingo ya 123:

Impaka mu Nteko Rusango zibanza kugibwa kuri raporo ya Komisiyo yize umushinga, zigakomereza ku bugororangingo buba bwemejwe na Komisiyo.

Ingingo zidafite ubugororangingo bwagejejwe kuri Komisiyo zitorerwa nta mpaka.

Ingingo ya 124:

Ubugororangingo cyangwa ubugororangingo bw'ingoboka butemewe na Komisiyo bugibwaho impaka mu Nteko Rusanga iyo bisabwe n'Umusenateri umwe cyangwa benshi. Komisiyo itanga impamvu zatumye itemera ubwo bugororangingo cyangwa ubugororangingo bw'ingoboka.
Ubugororangingo butorerwa mbere y'umushinga w'itegeko ubwawo, n'ubugororangingo bw'ingoboka bugatorerwa mbere y'ubugororangingo.

Ingingo ya 125:

Komisiyo ishobora gusaba gusubirana ingingo y'umushinga w'itegeko itaratorerwa kugira ngo yongere iyisuzume bundi bushya. Byemezwa n'Inteko Rusango.

Ingingo ya 126:

Iyo umushinga w'itegeko utowe na Sena nta bugororangingo, Perezida wa Sena abimenyesha Umutwe w'Abadepite mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15).

Iyo umushinga w' itegeko udatowe, Perezida wa Sena amenyesha mu ncamake, Umutwe w'Abadepite, mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) impamvu zatumye Abasenateri batawemera.

Iyo umushinga w'itegeko watowe na Sena ariko wakorewe ubugororangingo, Perezida wa Sena abimenyesha mu ncamake, Umutwe w' Abadepite, mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15).

Ingingo ya 127:

Iyo umushinga w'itegeko wemewe, mbere yuko wohererezwa Umutwe w'Abadepite, Umunyamabanga Mukuru hamwe n'abagize Biro ya Komisiyo yize umushinga, bemeza ko kopi zohererezwa Umutwe w'Abadepite n'izishyirwa mu bushyinguro bw'inyandiko bwa Sena zihuye neza n'inyandikomvugo.

Umunyamabanga Mukuru n'abagize Komisiyo yize umushinga w'itegeko bakurikirana ko itegeko ryasohotse mu Igazeti ya Leta rihuye neza n'iryari ryatowe n'Inteko Rusange.

Ingingo ya 128:

Iyo gutangiza ivugururwa ry'Itegeko Nshinga bikozwe na Sena byemezwa ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu (2/3) by'amajwi y'Abagize Sena. Umushinga w'ivugururwa umaze kwemerezwa ishingiro na Sena wohererezwa Umutwe w'Abadepite.

Iyo iryo vugururwa rimaze kwemezwa n'Umutwe w'Abadepite, rigarurirwa Sena.

Ivugururwa ry'Itegeko NsMnga ryemezwa ritowe hakurikijwe ubwiganze bwa bitatu bya kane (3/4) by'Abagize Sena nk'uko biteganywa n'ingingo ya 193 y'Itegeko Nshinga.

UMUTWE WA IV : IMIGENDEKERE Y'IMPAKA MU GIHE BYIHUTIRWA

Ingingo ya 129:

Mu gihe byihutirwa, bisabwe na Guverinoma, cyangwa byemejwe na Sena bisabwe n'Umusenateri, ingingo z'iri tegeko ngenga zirebana n'ibiri ku murongo w'ibyigwa, ibyo guhindura inyandiko mu rundi rurimi cyangwa ibyo kuzubahiriza ibihe, ntizikurikizwa.

Iyo Umusenateri asabye ko imishinga y'amategeko cyangwa ikindi kibazo byigwa ku buryo bwihutirwa, Sena ibifatira icyemezo ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu (2/3) by'amajwi y'Abasenateri bateraniye mu Nteko Rusange. Iyo Guverinoma ibisabye buri gihe irabyemererwa.

Iyo byemejwe ko imishinga cyangwa ikindi kibazo byigwa ku buryo bwihutirwa, biza mbere ku murongo w' ibyigwa.

Ingingo ya 130:

Nyuma y'impaka rusange zivugwa mu ngingo ya 118 y'iri tegeko ngenga, Biro ya Sena ishyikiriza Komisiyo ibishinzwe umushinga w' itegeko wihutirwa.kugira ngo wigwe ku buryo bwihutirwa.

Iyo Sena igomba gufata icyemezo ku buryo bwihutirwa, Perezida w'inama ashobora kugena igihe gihabwa ufata ijambo wese, hatitawe ku biteganywa n'ingingo ya 26 y'iri tegeko ngenga.

Ingingo ya 131:

Iyo impaka rusange zirangiye, uhagarariye umushinga ashobora gusaba ko uhita utorerwa utanyuze muri Komisiyo. Icyo cyemezo gifatwa ku bwiganze bwa bitatu bya gatanu (3/5) by'Abasenateri bahari.

Imaze gutanga raporo, Komisiyo yize umushinga ishobora gusaba ko Ingingo zigize umushinga w'itegeko zitorerwa nta mpaka zigiwe. Byemezwa na bitatu bya gatanu (3/5) by'Abasenateri bitabiriye inama.

INTERURO YA III : IMIGENDEKERE Y'IMPAKA KU BYEREKEYE KUMENYA NO KUGENZURA IMIKORERE YA GUVERINOMA

Ingingo ya 132:

Mu gihe cy'ibihembwe, inama imwe buri cyumweru iharirwa ibibazo abagize Sena babaza Guverinoma n'ibisubizo ibaha. Minisitiri w'Intebe, Abaminisitiri cyangwa Abanyamabanga ba Leta n'abandi bagize Guverinoma bitabira izo nama, babimenyeshwa nibura iminsi irindwi (7) mbere y'uko ziba. Nyamara, icyo gihe gishobora kugabanuka byemejwe n'Inteko Rusange, hakurikijwe ubwihutirwe bw'ingingo isuzumwa.

Iyo ku munsi wari uteganyirijwe ibibazo n'ibisubizo nta gikorwa nk'icyo kibaye, hashyirwa indi gahunda iyo bibaye ngombwa.

Impaka z'Inteko Rusange zigamije kwiga inyandiko z'Abasenateri na raporo ku byerekeye kumenya no kugenzura imikorere ya Guverinoma, zikorwa hakurikijwe ibiteganywa mu ngingo ya 26 y'iri tegeko ngenga.

Nyamara, iyo Inteko Rusange igamije kumva ibisubizo by'ibibazo mu magambo, Abasenateri batanze ibyo bibazo cyangwa abo batumye kubavugira ni bo bonyine gusa bafite uburenganzira bwo kwandikwa kuri lisiti ya mbere. Naho Abasenateri bandi bose babyifuza bashobora kwiyandikisha kuri lisiti ya kabiri n'iya gatatu hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 26 y'iri tegeko ngenga.

Ingingo ya 133:

Mu rwego rwo kumenya no kugenzura imikorere ya Guverinoma, Abasenateri bashobora kubaza Minisitiri w'Intebe mu magambo cyangwa mu nyandiko agasubiza ubwe, iyo ari ibibazo byerekeye Guverinoma yose cyangwa Minisiteri nyinshi icyarimwe, cyangwa agasubirizwa n'Abaminisitiri ba za Miriisiteri bireba.

Sena ishobora na none gushyiraho za Komisiyo mu rwego rwo kumenya no kugenzura imikorere ya Guverinoma.

Icyakora, ntishobora kubariza mu ruhame abagize Guverinoma cyangwa ngo itangize ibyerekeye kubavanaho icyizere.

Itegeko ngenga rigena ibigomba gukurikizwa mu kumenya no kugenzura imikorere ya Guverinoma.

INTERURO YA IV : IBYEREKEYE KUREGA IMITWE YA POLITIKI

Ingingo ya 134:

Nk'uko biteganywa n'ingingo ya 55 y'Itegeko Nshinga, Sena ishobora kurega umutwe wa Politiki wateshutse bikomeye ku nshingano zikubiye mu ngingo ya 52, 53 na 54 z'Itegeko Nshinga.

Icyemezo cyo kurega Umutwe wa Politiki mu nkiko gifatwa n'Inteko Rusange ku bwiganze bwa bitatu bya gatanu (3/5) by'Abasenateri bahari.

Perezida wa Sena ashyikiriza Urukiko Rukuru rwa Repubulika icyemezo cyafashwe n'Inteko Rusange hamwe n'ikirego.

Mu manza, Sena ishobora guhagararirwa mu buryo inzego za Leta zihagararirwamo.

INTERURO YA V : INGINGO SENA IHURIYEHO N'UMUTWE W'ABADEPITE

Ingingo ya 135:

Inteko Ishinga Amategeko yose ishobora gutumizwa mu gihembwe kidasanzwe byumvikanyweho na ba Perezida b'Imitwe yombi, bisabwe na Perezida wa Repubulika cyangwa na kimwe cya kane (1/4) cy'abagize buri Mutwe.

Ingingo ya 136:

Mu gushyira mu bikorwa ingingo ya 79 y'Itegeko Nshinga, mbere y'uko ingengo y'imari ya Leta yemezwa burundu, Perezida w'Umutwe w'Abadepite asaba Sena kugira icyo ivuga ku mushinga w'itegeko rigena ingengo y'imari ya Leta umaze kwemerezwa ishingiro n'Umutwe w'Abadepite.

Iyo umushinga w'itegeko ry'ingengo y'imari ya Leta umaze koherezwa Sena, Perezida wa Sena awushyikiriza Komisiyo ifite ingengo y'imari mu nshingano zayo. Komisiyo irawusuzuma ikagira icyo iwuvugaho kikemezwa n' Inteko Rusange kandi bigashyikirizwa Umutwe w' Abadepite.

Sena ishobora guhagararirwa muri Komisiyo y'Umutwe w'Abadepite mu gihe cyo gusuzuma umushinga w'itegeko ry'ingengo y' imari ya Leta mu rwego rwo gusobanura ibitekerezo byatanzwe na Sena ku mushinga w'itegeko ry'ingengo y'imari ya Leta.

Ingingo ya 137:

Igihe itegeko risuzumwa muri Komisiyo ya Sena, Umutwe w'Abadepite ushobora guhagararirwa muri Komisiyo ya Sena.

Ingingo ya 138:

Mu gushyira mu bikorwa ingingo ya 95 y'Itegeko Nshinga, iyo umushinga w'itegeko watowe na Sena imaze kuwukorera igorora, hanyuma iryo gorora ntiryemerwe n'Umutwe w'Abadepite, Perezida w'Umutwe w'Abadepite abimenyesha Perezida wa Sena.

Mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7), Perezida wa Sena na Perezida w'Umutwe w'Abadepite, buri wese amaze kugisha inama Biro y'Umutwe ayobora, bashyiraho, Abasenateri 5 n'Abadepite 5 bagize Komisiyo ishinzwe gutegura umwanzuro wumvikanyweho ku ngingo zikomeje kugibwaho impaka.

Umwanzuro wumvikanyweho na Komisiyo ihuriweho n'Imitwe yombi wohererezwa buri Mutwe, ugatorwa, nta bundibugororangingo.

Mu gihe Komisiyo ihuriwemo n'Imitwe yombi itumvikanye kuri uwo mwanzuro cyangwa umwe muri iyo Mitwe ntubashe kwemeza ibyumvikanyweho n'ryo Komisiyo, uwo mushinga w'itegeko usubizwa uwawuzanye.

Umushinga wasubijwe uwawuzanye muri ubwo buryo ntiwongera kwigwa muri icyo gihembwe.

Iyo uwazanye umushinga w'itegeko ashatse kuwugarura mu kindi gihembwe agomba kubitangirira mu Mutwe w'Abadepite.

Ingingo ya 139:

Iyo itegeko rimaze gutorwa n'Imitwe yombi, Perezida w'Umutwe w'Abadepite ashyikiriza Minisitiri w'Intebe itegeko kugira ngo Perezida wa Repubulika arishyireho umukono.

Ingingo ya 140:

Hashobora kujyaho amahuriro ahuriyemo Abasenateri n'Abadepite. Ayo mahuriro yemezwa na buri Mutwe ugize Inteko Ishinga Amategeko.

Iyo umwe mu Mitwe igize Inteko Ishinga Amategeko utemeye ihuriro ry'Abasenateri n'Abadepite, abari mu Mutwe waryanze ntibemerewe kujya muri iryo huriro. Ibyo ntibibuza abandi b'Umutwe waryemeye kurishyiraho no kurijyamo.

Ingingo ya 141:

Inzego ziteganywa n'Itegeko Nshinga ko zishyikiriza raporo yazo Inteko Ishinga Amategeko, zoherereza buri Mutwe ugize Inteko Ishinga Amategeko raporo yazo mu nyandiko.

Izo nzego zigeza kandi raporo yazo mu magambo ku Mitwe yombi igize Inteko Ishinga Amategeko iteraniye hamwe.
Komisiyo ibishinzwe ya buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko isuzuma iyo raporo ikagira icyo iyivugaho. Inteko Rusange ya buri Mutwe isuzuma umwanzuro wa Komisiyo yize raporo ikawufataho icyemezo. Icyo cyemezo gishyikirizwa inzego zibishinzwe.

Ingingo ya 142:

Iyo Sena n'Umutwe w'Abadepite biteraniye hamwe mu nama, buri Mutwe ufata icyemezo ukwawo, ukurikije {tegeko ngengamikorere ryawo.

Ingingo ya 143:

Haseguriwe ibivugwa mu ngingo ya 142, iyo Imitwe yombi igize Inteko Ishinga Amategeko yakoreye inama hamwe, hakurikizwa Itegeko ngenga rigena imikorere y'Umutwe w'Abadepite.

Ingingo ya 144:

Ibitarateganyijwe n'iri tegeko ngenga bijyanye n'imikoranire hagati y'Imitwe igize Inteko Ishinga Amategeko bicyemurwa binyuze mu bwumvikane hagati ya za Biro z'Imitwe igize Inteko Ishinga Amategeko.

INTERURO YA VI : INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA

Ingingo ya 145:

Hashingiwe ku ngingo ya 108 y'itegeko Nshinga, iyo Perezida wa Repubulika asabye ko habaho isuzuma rya kabiri ry'amategeko ngenga n'amategeko asanzwe yatowe, bimenyeshwa Inteko Rusange ikayasuzuma bundi bushya. Hakurikizwa uburyo busanzwe bukoreshwa mu kwiga imishinga y'amategeko.

Ingingo ya 146:

Gahunda yose nshya y'imirimo ya Sena ishyikirizwa Abasenateri nibura iminsi ibiri mbere y'uko ibiyikubiyemo byigwa n'Inteko Rusange keretse iyo byihutirwa. Iyo gahunda imenyekanishwa hakoreshejwe uburyo bushoboka bw'itumanaho n'itangazamakuru.

Ingingo ya 147:

Mu ntangiriro za buri gihembwe gisanzwe, Bitu ya Sena itanga raporo y'ibikorwa bya Sena by'igihembwe giheruka.

Ingingo ya 148:

Inteko Rusange igezwaho mu nyandiko umushinga w'ingengo y'imari ya Sena nibura iminsi itanu (5) mbere y'uko ushyirwa mu mushinga w'ingengo y'imari rusange ya Leta kugira ngo iwufateho icyemezo.

Ingingo ya 149:

Iyo Abasenateri batanga ibitekerezo byabo, mu magambo cyangwa mu nyandiko, bakoresha ururimi bihitiyemo mu ndimi zikoreshwa zemewe n'Itegeko Nshinga.

Ingingo ya 150:

Iyo hari ibidateganywa n'iri tegeko ngenga, Biro ya Sena itanga uburyo ikibazo cyakemuka maze Inteko Rusange ikabifataho icyemezo.

Ingingo ya 151:

Umushinga wose wo guhindura iri tegeko ngenga ushyikirizwa Perezida wa Sena na we akawushyikiriza Abasenateri.Iyo Inteko Rusange yemeje ko uwo mushinga ufite ishingiro ushyikirizwa Inama y'Abaperezida kugira ngo iwige.

Ingingo ya 152:

Amahuriro y'Abadepite n'Abasenateri yari asanzweho ahawe igihe kitarenze amezi atatu uhereye igihe iri tegeko ngenga ritangajwe, kugira ngo yubahirize ibiteganywa n'iri tegeko ngenga. Amahuriro atazabyubahiriza azaba asheshwe.

Ingingo ya 153:

Haseguriwe ibiteganywa n'ingingo ya 71 y'Itegeko Nshinga, Abasenateri ba mbere nyuma y'Inzibacyuho bakimara kurahira, Sena itangira imirimo yayo y'igihembwe guhera ku munsi w'irahira.

Icyo gihembwe ki.rangira hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 71 y'Itegeko NsMnga.

Ingingo ya 154:

Umusenateri urebwa n'ibiteganywa n'ingingo ya 100 y'iri tegeko ngenga ahawe igihe cy'iminsi mirongo itatu (30) uhereye igihe iri tegeko ngenga ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda kugira ngo akurikize ibisabwa n'iyo ngingo.

Icyakora, Umusenateri ufitanye na Leta amasezerano y'amasoko yasinywe mbere y'uko iri tegeko ngenga ritangazwa, arayakomeza kugeza igihe arangiriye. Ayo masezerano amenyeshwa Perezida wa Sena, Umuvunyi Mukuru akagenerwa kopi.

Ingingo ya 155:

Iri tegeko ngenga ritangira gukurikizwa umunsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. Agaciro karyo gahera tariki ya 10 Ukwakira 2003 .

Kigali, kuwa 18/02/2005

Perezida wa Repubulika
KAGAME Paul
(sé)

Minisitiri w'Intebe
MAKUZA Bernard
(sé)

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika

Minisitiri w'Ubutabera
MUKABAGWIZA Edda
(sé)

ITEGEKO NGENGA N° 03/2005 RYO KU WA 25/02/2005 RIGENA UBURYO INTEKO ISHINGA AMATEGEKO IMENYA KANDI IKAGENZURA IBIKORWA N'IMIKORERE BYA GUVERINOMA

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika ;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGÊKO NGENGA RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KQ RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA.

Inteko Ishinga Amategeko:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 07 Gashyantare 2005;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo ku wa 24 Ugushyingo 2004;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 4 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 60, iya 62, iya 87, iya 88, iya 90, iya 93, iya 95, iya 108, iya 11 G, iya 117, iya 118, iya 120, iya 128, iya 129, iya 130, iya 131, iya 132, iya 134 n'iya 201;

Isubiye ku Itegeko ngenga n° 3 bis/1997 ryo ku wa 14/04/1997 rigena uburyo Inteko Ishinga Amategeko y'Inzibacyuho imenya kandi ikagenzura imikorere ya Guverinoma nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu;

YEMEJE:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

<u>Ingingo ya mbere:</u>

Iri tegeko ngenga rigena uburyo Inteko Ishinga Amategeko ikoresha kugira ngo imenye. kandi igenzure ibikorwa n'imikorere bya Guverinoma.

Inteko Ishinga Amategeko igizwe n'Imitwe ibiri: Umutwe w'Abadepitê n'Umutwe wa Sena. Mu rwego rwo kumenya no kugenzura ibikorwa n'imikorere bya Guverinoma, buri Mutwe ukora ukwawo.

<u>Ingingo ya 2:</u>

Ibikorwa n'imikorere bya Guverinoma Inteko Ishinga Amategeko ishinzwe kumenya no kugenzura bigaragarira muri Politiki rusange ya Guverinoma iba yumvikanyweho hagati ya Perezida wa Repubulika n'abagize Guverinoma mu buryo bwa gahunda n'ingamba z'ibikorwa byayo.

Ingingo ya 3:

Buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko ufite uburenganzira busesuye bwo gushakisha icyatuma utunganya inshingano zawo zo kumenya no kugenzura ibikorwa n'imikorere bya Guverinoma.

Ingingo ya 4:

Uburyo bwo kumenya no kugenzura ibikorwa n'imikorere bya Guverinoma buteganywa n'iri tegeko ngenga bukoreshwa kuri Minisitiri w'Intebe, ba Minisitiri, Abanyamabanga ba Leta cyangwa abandi bagize Guverinoma.

UMUTWE WA II: UBURYO BWO KUMENYA NO KUGENZURA IBIKORWA N'IMIKORERE BYA GUVERINOMA

Icyiciro cya mbere: Ibifasha Inteko Ishinga Amategeko mu kumenya no kugenzura ibikorwa n'imikorere bya Guverinoma

Ingingo ya 5:

Inteko Ishinga Amategeko imenya ikanagenzura ibikorwa n'imikorere bya Guverinoma mu nzego zose z'imirimo ikoreramo, mu mishinga n'ibigo biyishamikiyeho ikoresheje uburyo bukurikira

1° kubaza mu magambo ;

2° kubaza mu nyandiko ;

3° kubaza muri Komisiyo ;

4° gushyiraho Komisiyo y'igenzura ;

5° kubarizwa mu ruhame rw'Inteko.

Icyakora Sena yo ntishobora kubariza mu ruhame abagize Guverinoma cyangwa ngo itangize ibyerekeye kuvanwaho icyizere.

Ingingo ya 6:

Buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko ufite uburenganzira bwo gusaba Guverinoma umwandukuro w' inyandiko za Leta ziri muri Minisiteri, Ubunyamabanga bwa Leta cyangwa mu bigo bishamikiye kuri Leta.

Izo nzego z'imirimo zishyikiriza uwo mwandukuro w'inyandiko Biro y'Umutwe wazisabye mu gihe kitarenze iminsi umunani (8) uhereye igihe ubisabwa yabimenyeye.

Ingingo ya 7:

Minisitiri w'Intebe agomba kumenyesha Imitwe y'Inteko Ishinga Amategeko ibikorwa bya Guverinoma igihe cyose bishoboka.

By'umwihariko mu ntangiriro za buri mwaka, Minisitiri w'Intebe ashyikiriza Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko ingamba zihariye na gahunda z'ibikorwa biteganyijwe bya buri Minisiteri n'Ubunyamabanga bwa Leta.

Minisitiri w'Intebe ashyikiriza Bfiro ya buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko ibyemezo by'Inama y'Abaminisitiri n'imigereka yabyo mu gihe kitarenze iminsi umunani (8) iyo nama iteranye.

Guverinoma igomba guha Imitwe y'Inteko Ishinga Amategeko ibisobanuro byose isabwe ku micungire n'ibikorwa byayo.

Ingingo ya 8:

Minisitiri w'Intebe amenyesha Imitwe y'Inteko Ishinga Amategeko buri mwaka uburyo ingamba zihariye na gahunda z'ibikorwa bya buri Minisiteri n'Ubunyamabanga bwa Leta byubahirijwe.

Minisitiri w'Intebe, Minisitiri, Umunyamabanga wa Leta cyangwa undi ugize Guverinoma ashobora kugirana imishyikirano na Komisiyo ihoraho y'Umutwe w'Tnteko Ishinga Amategeko babyibwirije cyangwa babisabwe n'iyo Komisiyo. Iyo Komisiyo igeza raporo ku Nteko Rusange, ikayifataho umwanzuro.

Mu rwego rwo kungurana ibitekerezo ku mikorere ya Guverinoma, abakozi ba Minisiteri cyangwa ab'Ubunyamabanga bwa Leta bashobora guhabwa ijambo muri Komisiyo.

Ingingo ya 9:

Mu gushyira mu bikorwa ibiteganyijwe n'ingingo ya 3 y'iri tegeko ngenga, buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko, Komisiyo, itsinda ry'Abadepite cyangwa iry'Abasenateri, Umudepite cyangwa Umusenateri ku giti cye bafite ubundi buryo busanzwe bwo kuhona ibyabafasha gukurikirana ibikorwa n'imikorere bya Guverinoma mu Gihugu.
Ubwo buryo ni ubu bukurikira

1° kungurana ibitekerezo hagati ya Guverinoma n'Inteko Ishinga Amategeko cyangwa buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko ukwawo;

2° gushyikirana n'abaturage ;

3° kwifashisha ibibazo by'abaturage;

4° gukurikirana ibisubizo ku bibazo bikomeye bibabaje abaturage;

5° kwifashisha itangazamakuru ;

6° gutanga ubuhamya ;

7° kwifashisha raporo zitangwa na za Komisiyo n'izindi nzego ziteganywa n'Itegeko Nshinga;

8° gukora ubushakashatsi ku bibazo byihariye.

Icyiciro cya 2 : Kubaza mu magambo

Ingingo ya 10:

Kubaza mu magambo ni ukuvuga ko Umudepite, Umusenateri, itsinda ry'Abadepite cyangwa iry'Abasenateri basaba Minisitiri w'Intebe, Minisitiri, Umunyamabanga wa Leta cyangwa undi ugize Guverinoma, hakurikijwe inshingano za buri wese, ko yabaha ibisobanuro mu magambo ku bibazo abajijwe n'Inteko Rusange.

Ingingo ya 11:

Umudepite, Umusenateri, itsinda ry'Abadepite cyangwa iry'Abasenateri rihagarariwe n'umuvugizi waryo bifuza kubaza mu magambo Minisitiri w'Intebe, Minisitiri, Umunyamabanga wa Leta cyangwa undi ugize Guverinoma babimenyesha Biro y'Umutwe barimo. Inteko Rusange ni yo ifata icyemezo cyo kubimenyesha Guverinoma, ikanagaragaza ubwihutirwe bwabyo.

Ingingo ya 12:

Mu gihe cy'ibihembwe by'Inteko, inama imwe buri cyumweru iharirwa ikibazo abagize Inteko Ishinga Amategeko babaza Guverinoma n'ibisubizo ibaha.

Akoresheje inyandiko itangirwa icyemezo cy'iyakira, Perezida w'Umutwe bireba amenyesha Minisitiri w'Intebe ko umwe cyangwa benshi mu bagize Guverinoma batumiwe kuza gusubiza mu magambo, mu Nteko Rusange yahariwe ikibazo n'ibisubizo.

Ingingo ya 13:

Iyo uwasabye gutanga ikibazo mu magambo adashoboye kuza mu Nteko Ruwnge kigomba kubarizwamo, ashobora gusaba Umudepite cyangwa Umusenateri mugenzi we kukimubariza. Iyo atabikoze, Inteko Rusange ifata icyemezo cyo kwiga cyangwa gusubika isuzumwa ry'icyo kbazo kuri uwo munsi.

Ingingo ya 14:

Iyo Minisitiri w'Intebe, Minisitiri, Umunyamabanga wa Leta cyangwa undi ugize Guverinoma adashoboye kuza gusubiza, atanga impamvu mbere y'uko umunsi wagenwe ugera, akoresheje inyandiko itangirwa icyemezo cy'iyakira, ishyikirizwa Perezida w'Umutwe bireba.

IngIngo ya 15:

Impamvu zitangwa n'uwatumijwe zisuzumwa na Biro y'Umutwe bireba, ikareba niba zifite ishingiro. Biro ibimenyesha abatanze ikibazo. Inteko Rusange ikurikira ibifataho umwanzuro.

Ingingo ya 16:

Iyo Minisitiri w'Intebe, Minisitiri, Umunyamabanga wa Leta cyangwa undi ugize Guverinoma urebwa n'ikibazo adahari, icyo kibazo gihita cyimurirwa ku rutonde rw'ibizigwa mu Nteko Rusange yagenewe ibibazo n'ibisubizo, mbere y'ibindi bibazo. Perezida w'Umutwe bireba abimenyesha Minisitiri w'Intebe.

Iyo Minisitiri w'Intebe, Minisitiri, Umunyamabanga wa Leta cyangwa undi ugize Guverinoma atabonetse inshuro ebyiri (2) zikurikiranye nta mpamvu zatanzwe, Inteko Rusunge ihitamo bumwe mu bundi buryo bukoreshwa mu buteganywa n'ingingo ya 5 y'iri tegeko ngenga.

Ingingo ya 17:

Iyo Minisitiri w'Intebe, Minisitiri, Umunyamabanga wa Leta cyangwa undi ugize Guverinoma amaze gutanga ibisobanuro, Inteko Rusunge igira icyo ibivugaho ikabifataho umwanzuro.

Ingingo ya 18:

Iyo Inteko Rusunge itanyuzwe n'ibisobanuro bitanzwe na Minisitiri w'Intebe, Minisitiri, Umunyamabanga wa Leta cyangwa undi ugize Guverinoma, ihita igena bumwe mu bundi buryo bukurikizwa buteganywa n'ingingo ya 5 y'iri tegeko ngenga.

Icyiciro cya 3: Kubaza mu nyandiko

Ingingo ya 19:

Kubaza mu nyandiko ni ukuvuga ko Umudepite, Umusenateri, itsinda ry'Abadepite cyangwa iry'Abasenateri basaba ko Minisitiri w'Intebe, Minisitiri, Umunyamabanga wa Leta cyangwa undi ugize Guverinoma, hakurikijwe inshingano za buri wese, yabaha ibisubizo byanditse ku bibazo yashyikirijwe mu nyandiko.

Ingingo ya 20:

Iyo ibisobanuro byatanzwe mu magambo bitanyuze Inteko Rusunge, nyuma y'impaka zagiwe, Inteko Rusunge ishobora guhindura mu nyandiko ikibazo cyari cyatanzwe mu magambo:

Ingingo ya 21:

Umudepite, Umusenateri, itsinda ry'Abadepite cyangwa iry'Abasenateri bashaka gutanga ikibazo cyanditse bagishyikiriza Perezida w'Umutwe barimo.

Perezida w'Umutwe w'Abadepite cyangwa Perezida wa Sena, ashobora gufata icyemezo cyo gushyira hamwe ibibazo bisa cyangwa bifitanye isano. Ibyo bibazo bifatwa nk'aho byatangiwe rimwe n'ikibazo cy'ibanze bifitanye isano.

Ingingo ya 22:

Perezida w'Umutwe bireba ashyikiriza ikibazo cyanditse Minisitiri w'Intebe, akoresheje inyandiko, kugira ngo asubize ibibazo bimureba cyangwa bireba Guverinoma yose, cyangwa amusaba gutumira Minisitiri, Umunyamabanga wa Leta cyangwa undi ugize Guverinoma igihe ari bo bireba. Kopi y'urwo rwandiko yohererezwa Perezida wa Repubulika. Urwandiko rwa Perezida w'Umutwe bireba rwerekana umunsi ubazwa azatangiraho ibisobanuro kandi rugatumira Minisitiri w'Intebe, Minisitiri, Umunyamabanga wa Leta cyangwa undi ugize Guverinoma bireba, kuzaba ahari.

Ingingo ya 23:

Mu minsi itarenga cumi n'itanu (15) uhereye igihe yaboneye urwandiko, Minisitiri w'Intebe, Minisitiri, Umunyamabanga wa Leta cyangwa undi ugize Guverinoma, bohererezwa igisubizo cyanditse Perezida w'Umutwe bireba, bakanagenera kopi Perezida wa Repubulika. Nyuma yo kohereza icyo gisubizo, uwabajijwe aza gutanga ibisobanuro mu Nteko Rusunge yahariwe ibibazo n'ibisubizo bitarenze iminsi cumi n'itanu (15).

Ingingo ya 24:

Iyo abisabye, Minisitiri w'Intebe, Minisitiri, Umunyamabanga wa Leta cyangwa undi ugize Guverinoma, ashobora kongererwa igihe giteganyijwe n'ingingo ya 23 y'iri tegeko ngenga kugira ngo asubize, byemejwe na Biro y'Umutwe bireba. Icyakora kongererwa igihe ntibishobora kurenga iminsi cumi n'itanu (15) uhereye igihe yaboneye urwandiko rumwemerera kongererwa igihe.

Ingingo ya 25:

Iyo nta gisubizo ku kibazo cyanditse cyatanzwe mu gihe cyateganyijwe hakurikijwe ingingo ya 23 cyangwa iya 24 y'iri tegeko ngenga, cyangwa iyo nyuma y'impaka mu Nteko Rusange igisubizo kitayinyuze, Inteko Rusange ihita igena bumwe mu bundi buryo buteganywa n'ingingo ya 5 y'iri tegeko ngenga.

Icyiciro cya 4: Kubaza muri Komisiyo

Ingingo ya 26:

Kubaza muri Komisiyo ni bumwe mu buryo bwo kumenya cyangwa kugenzura ibikorwa n'imikorere bya Guverinoma bwemezwa n'Inteko Rusange busaba ko Minisitiri w'Intebe, Minisitiri Umunyamabanga wa Leta cyangwa undi ugize Guverinoma, aza gutanga ibisobanuro bihagije muri Komisiyo.

Iyo Komisiyo ishobora kuba ari Komisiyo ihoraho cyangwa yiyongereyeho Umudepite, Umusenateri, itsinda ry'Abadepite cyangwa iry'Abasênateri batangiye ikibazo cyigwa. Inteko Rusauge ishobora gushyiraho Komisiyo idasanzwe yo kwiga icyo kibazo.

Ingingo ya 27:

Iyo Inteko Rusange itanyuzwe, mu gihe cyo kubaza mu magambo no mu nyandiko cyangwa igihe ubazwa atigeze aboneka nta mpamvu yumvikana, ishobora kwemeza ko Minisitiri w'Intebe, Minisitiri, Umunyamabanga wa Leta cyangwa undi ugize Guverinoma abarizwa muri Komisiyo. Buri Mutwe bireba ushobora kandi guhitamo ubwo buryo igihe cyose usanze ari bwo waheraho mu kumenya cyangwa kugenzura ibikorwa n'imikorere bya Guverinoma.

Iyo kubaza muri Komisiyo ari bwo buryo bwa mbere butangiriweho, byakirwa bisabwe nibura na kimwe cya gatanu (1/5) cy'abagize Umutwe bireba bikemezwa n'Inteko Rusauge ku bwiganze burunduye bw'amajwi . y'abahari.

Ingingo ya 28:

Iyo kubaza muri Komisiyo byemejwe, Perezida w'Umutwe bireba yandikira Komisiyo ivugwa mu ngingo ya 26 y'iri tegeko ngenga irebwa n'ikibazo akayimenyesha ibyemezo by'Inteko Rusange.

Yandikira kandi Minisitiri w'Intebe, kugira ngo aze gutanga ibisobanuro muri Komisiyo, iyo at; we pireba, cyangwa bireba Guverinoma yose, cyangwa amusaba kohereza Minisitiri, Umunyamabanga wa Leta cyangwa undi ugize Guverinoma, kugira ngo aze kubarizwa muri Komisiyo ku munsi n'isaha amumenyesha mu rwandiko rutumira.

Ingingo ya 29:

Kubaza muri Komisiyo biba mu minsi umunani (8) uhereye umunsi Minisitiri w'Intebe aboneye urwandiko rutumira.

Iyo abisabye, Minisitiri w'Intebe, Minisitiri, Umunyamabanga wa Leta cyangwa undi ugize Guverinoma ashobora kongererwa igihe.

Biro y'Umutwe bireba, ifatanyije na Komisiyo ishinzwe icyo kibazo basuzuma ishingiro n'impamvu zitangwa na Minisitiri w'Intebe, Minisitiri, Umunyamabanga wa Leta cyangwa undi ugize Guverinoma, basanga zifite ishingiro bakagena undi munsi ntarengwa. Iryo yongeragihe ntirishobora kuba inshuro irenze imwe.

Ingingo ya 30:

Iyo kubaza muri Komisiyo birangiye, raporo yabyo ishyikirizwa Perezida w'Umutwe bireba akabishyira ku rutonde rw'ibyigwa n'Inteko Rusange.

Imaze gusuzuma raporo ya Komisiyo, Inteko Rusange yemeza niba ikibazo kirangirira aho iyo inyuzwe. Iyo Inteko Rusange itanyuzwe yemeza ubundi buryo bwisumbuye buteganywa n'ingingo ya 5 y'iri tegeko ngenga. Ibyo byemezo bifatwa binyujijwe mu matora ku bwiganze burunduye bw'Amajwi y'Abadepite cyangwa Abasenateri bahari.

Icyiciro cya 5 : Komisiyo y'igenzura

Ingingo ya 31:

Komisiyo y'igenzura ikoreshwa mu buryo buteganywa n'iri tegeko ngenga, iba igamije gushakisha ukuri ku bibazo cyangwa ibintu byabaye bifitanye isano n'ibikorwa n'imikorere bya Guverinoma, Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko ukeneye kumenya ku buryo bunonosoye.

Ingingo ya 32:

Komisiyo y'igenzura ikoreshwa igihe cyose Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko ugifite ingingimira kubera ko ubundi buryo bwakoreshejwe butashoboye kuwuha ibisobanuro bihagije cyangwa se iyo usanze ari ngombwa ko ari bwo buryo wakoresha bwa mbere.

Ingingo ya 33:

Iyo Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko umaze gufata icyemezo cyo kubariza muri Komisiyo y'igenzura, werekana neza inzego z'imirimo ya Leta, ibigo bya Leta n'ibigomba kugenzurwa n'iyo Komisiyo ndetse n'igihe raporo y'igenzura igomba kuba yatanzwe.

Ingingo ya 34:

Iyo Komisiyo y'igenzura ari bwo buryo bukoreshejwe bwa mbere, Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko. ubisabwe n'Umudepite, Umusenateri, itsinda ry'Abadepite, itsinda ry'Abasenateri, cyangwa Komisiyo zihoraho, ubifatira icyemezo mu Nteko Rusange ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'abahari.

Ingingo ya 35:

Abagize Komisiyo y'igenzura batoranywa na Biro y'Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko ariko bakemezwa n'Inteko Ruwnge ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'abahari.

Inteko Rusange yerheza umuyobozi wa Komisiyo y'igenzura n'umwungirije ari na we ushinzwe imyandikire ya Raporo, batoranywa na Biro y'Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko mu bagize Komisiyo, bakemezwa umwe ukwe ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'abari mu Nteko Rusange.

Ingingo ya 36:

Iyo Komisiyo y'igenzura ishyizweho, Perezida w'Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko bireba ahita yandikira Minisitiri w'Intebe abimumenyesha kandi amusaba kubimenyesha Minisitiri, Umunyamabanga wa Leta cyangwa undi ugize Guverinoma urebwa n'iryo genzura kandi akababwira umurimo ushinzwe iyo Komisiyo, abayigize n'abayiyobora.

Ingingo ya 37:

Mu byerekeye Ibyo ishinzwe, Komisiyo y'igenzura ifite uburenganzira busesuye bwo kubaza no gushakashaka imvugo n'ibimenyetso byatuma igaragaza ukuri ku by' igenzura. Muri urwo rwego, Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko ushobora gusaba Inteko Ruwnge gufata icyemezo by'agateganyo bituma ibimenyetso bitarigiswa. Ibyo byemezo birubahirizwa kandi bigashyirwa mu bikorwa n'inzego zibishinzwe.

Ingingo ya 38:

Iyo Komisiyo y'igenzura imaze gushyirwaho, Biro y'Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko iyiha ibyangombwa ikeneye byose kugira ngo irangize inshingano zayo.

Mbere yo gutangira imirimo yabo, abagize Komisiyo y'igenzura basabwa na Biro y'Umutwe bireba gushyira umukono wabo ku nyandiko igaragaza ko bemeye kubahiriza ibanga rikenewe mu mirimo n'inshingano bahawe.

Inyandiko nk'iyo ishobora no gukoreshwa ku bantu Komisiyo y'igenzura ikeneyeho amakuru n'ibisobanuro cyangwa ubuhamya, aho bashyira umukono wabo bemeza ko bavugisha ukuri kandi ku nyungu z'Igihugu n'abaturage bacyo.

Ingingo ya 39:

Nta n'umwe mu bagize Komisiyo y'igenzura, abakorana na bo, abatangabuhamya cyangwa n'abandi yakwitabaza, ushobora guhohoterwa, gutotezwa cyangwa guhungabanywa ku mubiri cyangwa mu mutwe kubera impamvu zijyanye n'imirimo cyangwa inshingano za Komisiyo y'igenzura.

Ingingo ya 40:

Buri Komisiyo y'igenzura iha raporo Bfiro y'Umutwe w'Inteko wayishyizeho mu gihe yahawe. Iyo icyo gihe kirangiye itararangiza umurimo wayo, ibimenyesha Biro, Inteko Rusange ikaba ari yo ishobora kucyongera.

Ingingo ya 41:

Impaka kuri raporo yashyikirijwe Inteko Rusange zisozwa no gucisha mu majwi icyemezo kimwe cyangwa byinshi.

Impaka zisozwa kandi no gucisha mu majwi icyemezo kigaragaza uruhare mu makosa akurikiranyweho Minisitiri w'Intebe, Minisitiri, Umunyamabanga wa Leta cyangwa undi ugize Guverinoma, cyangwa se kimuvanaho amakosa akurikiranyweho. Icyo cyemezo gifatwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'abari mu Nteko Rusange.

Inteko Rusange ishobora gufata icyemezo cyo gutangaza bimwe mu bigize raporo cyangwa raporo yose ya Komisiyo y'igenzura mu mugereka w'inyandikomvugo y'impaka.

Ingingo ya 42:

Iyo raporo ya Komisiyo y'igenzura imaze kwemezwa n'Inteko Rusange, Perezida w'Umutwe bireba yoherereza kopi yayo Perezida wa Repubulika, Minisitiri w'Intebe, Minisitiri, Umunyamabanga wa Leta n'undi ugize Guverinoma barebwa n'igenzura.

Ingingo ya 43:

Abagize Komisiyo y'igenzura n'abakozi bakorana na bo, bagomba kugira ibanga ku byo bamenyeye muri iryo genzura, mbere na nyuma yo gutanga raporo ya Komisiyo y'igenzura.

Ingingo ya 44:

Iyo Umudepite, Umusenateri, itsinda ry'Abadepite, itsinda ry'Abasenateri cyangwa Biiro y'Umutwe w'Inteko bagaragaje ko Komisiyo y'igenzura idakora akazi kayo neza, icyo kibazo gishyirwa ku rutonde rw'ibyigwa n'Inteko Rusange. Inteko Rusange ishobora kuvugurura Komisiyo cyangwa kuyisimbuza indi.

Ingingo ya 45:

Komisiyo y'igenzura ntihoraho. Ivaho iyo Inteko Rusange imaze gufata umwanzuro kuri raporo yayo.

Icyiciro cya 6: Kubariza mu ruhame rw'Inteko

Ingingo ya 46:

Hashingiwe ku byemezo byafashwe n'Inteko Rusange y'Umutwe w'Abadepite kuri raporo ya Komisiyo y'igenzura, Umudepite, itsinda ry'Abadepite bashobora gusaba kubariza mu ruhame Minisitiri w'Intebe, Minisitiri, Umunyamabanga wa Leta cyangwa undi ugize Guverinoma. Icyemezo cyo kubariza mu ruhame rw'Inteko gifatwa n'Inteko Rusange ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'Abadepite bahari.

Ingingo ya 47:

Kubaza mu ruhame rw'Inteko ni bumwe mu buryo bukoreshwa n'Umutwe w'Abadepite mu kugenzura ibikorwa n'imikorere bya Guverinoma busaba ko, Minisitiri w'Intebe, Minisitiri, Umunyamabanga wa Leta cyangwa undi ugize Guverinoma yisobanura mu Nteko Rusange ku makosa agaragazwaho na Raporo y'igenzura yakozwe na Komisiyo imwe cyangwa nyinshi ku mikorere n'ibikorwa bye.

Ingingo ya 48:

Uburyo bwo kubarizwa mu ruhame rw'Inteko bwemezwa n'Inteko Rusange y'Umutwe w'Abadepite ari uko ibonye ko amakosa yagaragajwe na raporo ya Komisiyo y'igenzura ahama Minisitiri w'Intebe, Minisitiri, Umunyamabanga wa Leta cyangwa undi ugize Guverinoma mu mirimo ashinzwe cyangwa biturutse ku nzego ayobora.

Ingingo ya 49:

Umudepite cyangwa itsinda ry'Abadepite biyemeje guhamagara Minisitiri w'intebe, Minisitiri, Umunyamabanga wa Leta cyangwa undi ugize Guverinoma kubazwa mu ruhame, bashyikiriza Perezida w'Umutwe w'Abadepite ibaruwa ibisaba iherekejwe n'inyandiko yerekana ibibazo byagaragajwe na raporo ya Komisiyo y'igenzura bakeneyeho ibisobanuro.

Ingingo ya 50*:*

Iyo Perezida w'Umutwe w'Abadepite abonye inyandiko isaba kubariza mu ruhame rw'Inteko Minisitiri w'Intebe, Minisitiri, Umunyamabanga wa Leta cyangwa undi ugize Guverinoma, abimenyesha Abadepite mu nama y'inteko Rusange ikurikiraho.

Uretse iyo Inteko Ruwnge yemeje kubyiga mu nama ya vuba bisabwe na kimwe cya gatanu (1/5) cy'Abadepite bahari, ubundi uko kubarizwa mu ruhame bishyirwa ku rutonde rw'ibyigwa n'Inteko Rusange ku munsi wagenewe ibibazo n'ibisubizo.

Ingingo ya 51:

Perezida w'Umutwe w'Abadepite yoherereza inyandiko y'ubutumire bwo kubarizwa mu ruhame Minisitiri w'Intebe, Minisitiri, Umunyamabanga wa Leta cyangwa undi ugize Guverinoma urebwa n'icyo kibazo, amusaba kuza mu nama yo kubarizwa mu ruhame. Ibaruwa isobanura kandi umunsi n'isaha bizaberaho.

Kopo y'iyo baruwa yohererezwa Perezida wa Repubulika.

Ingingo ya 52:

Iyo Minisitiri w'Intebe, Minisitiri, Umunyamabanga wa Leta cyangwa undi ugize Guverinoma wabajijwe amaze gusubiza, impaka ziratangira.

Impaka kuri iryo bazwa zisozwa n'itora rihanaguraho ibyo ubazwa aregwa, cyangwa ryakira icyifuzo gisaba kuvanwaho icyizere kivugwa mu gika cya kabiri cy'ingingo ya 54 y'iri tegeko ngenga. Iryo tora rikorwa mu ibanga, ibyemezo bigafatwa hakurikijwe ubwiganze burunduye bw'amajwi y'Abadepite bahari.

Ingingo ya 53:

Uretse iyo Inteko Rusange ibyemeje ukundi, ibibazo byose bibarizwa mu ruhame rw'Inteko bigomba kurangirira mu nama byagiriwemo impaka.

UMUTWE WA III: KUVANWAHO ICYIZERE

Ingingo ya 54:

Umutwe w'Abadepite ushobora gukemanga ibikorwa n'imikorere bya Guverinoma, by'umwe cyangwa bya benshi mu bagize Guverinoma ukoreresheje itora ry'icyemezo cyo kubavanaho icyizere.

Icyifuzo cyo gukuraho icyizere cyakirwa gusa nyuma yo kubarizwa mu ruhame rw'Inteko Rusange, kandi kigashyirwaho umukono nibura na kimwe cya gatanu (1/5) cy'abagize Umutwe w'Abadepite, iyo bireba umwe mu bagize Guverinoma cyangwa kimwe cya gatatu (1/3) nibura, iyo bireba Guverinoma yose.

Icyemezo cyo kuvanaho icyizere ntigishobora gutorwa hadashize nibura amasaha mirongo ine n'umunani (48) kuva itora ry'icyo cyemezo risabwe. Cyemezwa gusa kandi n'itora ribereye mu ibanga ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu (2/3) by'amajwi y'abagize Umutwe w'Abadepite.

Isozwa ry'ibihembwe bisanzwe cyangwa bidasanzwe rigomba gusubikwa kugira ngo hakorwe ibiteganywa n'iyi ngingo.

Ingingo ya 55:

Umwe mu bagize Guverinoma wakuweho icyizere agomba gushyikiriza Perezida wa Repubulika ukwegura kwe abinyujije kuri Minisitiri w'Intebe.

Iyo ari Guverinoma yose yakuweho icyizere, Minisitiri w'Intebe ashyikiriza Perezida wa Repubulika ukwegura kwa Guverinoma.

Iyo gukurwaho icyizere bidatowe, abashyize umukono ku nyandiko ibisaba ntibemerewe kongera kubisaba muri icyo gihembwe.

Ingingo ya 56:

Bimaze kwemezwa n'Inama y'Abaminisitiri, Minisitiri w'Intebe ashobora gusaba abagize Umutwe w'Abadepite kumugaragariza icyizere haba mu kwemeza gahunda y'ibikorwa bya Guverinoma cyangwa mu gutora umushinga w'itegeko.

Impaka ku kibazo cyo kugaragaza icyizere ntizishobora kugibwa mbere y'amasaha mirongo irindwi n'abiri (72) uhereye igihe icyo kibazo cyabagereyeho.

Kutagaragariza Minisitiri w'Intebe icyizere bikorwa gusa binyuze mu itora rikozwe mu ibanga kandi ku bwiganze bvva bibiri bya gatatu (2/3) by'amajwi y'abagize Umutwe w'Abadepite.

Iyo Minisitiri w'Intebe bamwimye icyizere, agomba gushyikiriza Perezida wa Repubulika ukwegura kwa Guverinoma mu gihe kitarenze amasaha makumyabiri n'ane (24).

UMUTWE WA IV: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA

Ingingo ya 57:

Minisitiri w'Intebe, Minisitiri, Umunyamabanga wa Leta cyangwa undi ugize Guverinoma usabwa ibisobanuro mu nama y'Inteko Rusange cyangwa muri Komisiyo, agomba kudatandukira no kubaha Inteko n'abamubaza.

Iyo atabyubahirije, Inteko Rusange ishobora kwemeza uburyo bw'igenzura bwisumbuye bukwiye gukoreshwa.

Ingingo ya 58:

Birabujijwe ku Mudepite no ku Musenateri kubangamira Komisiyo y'igenzura cyangwa gukoresha uburenganzira ahabwa n'iri tegeko ngenga aharanira inyungu ze bwite.

Inteko Rusange ibigejejweho na Komisiyo y'igenzura yabangamiwe, ni yo yemeza ko Umudepite cyangwa Umusenateri ahamwa n'ikosa ryo kubangamira Komisiyo y'Igenzura.

Ku bagize Guverinoma kandi birabujijwe gukoresha uburyo ubwo ari bwo bwose kugira ngo baburizemo ibyagerwaho n'igenzura riteganywa n'iri tegeko ngenga.

Ababikoze bahanishwa ingingo ziteganywa n'amategeko ahana hakurikijwe uburemere bw'icyaha cyakozwe.

Ingingo ya 59:

Ataretse gukurikiranwa n'andi mategeko ahana, Minisitiri w'Intebe, Minisitiri, Umunyamabanga wa Leta cyangwa undi ugize Guverinoma urenze ku bivugwa mu gika cya gatatu cy'ingingo ya 58 y'iri tegeko ngenga, hakurikizwa ibiteganywa n'ingingo, ya 54 y'iri tegeko ngenga.

Ingingo ya 60:

Ibibazo byose bitangwa n'Abadepite cyangwa n'Abasenateri byaba mu magambo cyangwa mu nyandiko bigamije kumenya no kugenzura ibikorwa n'imikorere bya Guverinoma, amatariki n'ababitanze, byandikwa mu gitabo cyabigenewe hakurikijwe uko bigiye bitangwa.

Handikwamo kandi ibyemezo byose by'Inteko Rusange birebana no kumenya no kugenzura ibikorwa n'imikorere bya Guverinoma.

Ingingo ya 61:

Itegeko ngenga n° 3 bis ryo ku wa 14/04/1997 rigena uburyo Inteko Ishinga Amategeko y'Inzibacyuho imenya kandi ikagenzura imikorere ya Guverinoma nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu rivanyweho.

Ingingo ya 62:

Iri tegeko ngenga ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali ku wa 25/02/2005

Perezida wa Repubulika
KAGAME Paul
(sé)

Minisitiri w'Intebe
MAKUZA Bernard
(sé)

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Minisitiri w'Ubutabera
MUKABAGWIZA Edda
(sé)

ITEKA RYA PEREZIDA N° 10/O1 RYO KU WA 07/03/2005 RIGENA UBURYO IGIHANO NSIMBURAGIFUNGO CY'IMIRIMO IFITIYE IGIHUGU AKAMARO GISHYIRWA MU BIKORWA

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 9-1° na 9-2°, iya 112,iya 113, n'iya 201;

Dushingiye ku Itegeko Ngenga n° 16/2004 ryo ku wa 19/06/2004 rigena imiterere, ububasha n' imikorere by'inkiko gacaca zishinzwe gukurikirana no gucira imanza abakoze ibyaha bya jenoside n'ibindi byaha byibasiye inyokomuntu byakozwe hagati y'itariki ya mbere Ukwakira 1990 n'iya 31 Ukuboza 1994, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 73-2° na 73-3°, iya 74, iya 78-3°b,c na 78-4°a,b,c, n'iya 80;

Dusubiye ku Iteka n°26/O1 ryo ku wa 10 Ukuboza 2001 ryerekeye igihano nsimburagifungo cy'imirimo ifitiye igihugu akamaro;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 10 Ugushyingo 2004 imaze kurisuzuma no kuryemeza;

TWATEGETSE KANDI DUTEGETSE:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

<u>Ingingo ya mbere</u>:

Iri teka rya Perezida ryerekana kandi rishyiraho uburyo igihano nsimburagifungo cy'imirimo ifitiye igihugu akamaro gikorwa nk'uko biteganywa n'ingingo ya 80 y'Itegeko-Ngenga n° 16/2004 ryo ku wa 19/06/2004 rigena imiterere, ububasha n'imikorere by'Inkiko Gacaca zishinzwe gukurikirana no gucira imanza abakoze ibyaha bya jenoside n'ibindi byaha byibasiye inyokomuntu byakozwe hagati y'itariki ya mbere Ukwakira 1990 n'iya 31 Ukuboza 1994.

<u>Ingingo ya 2:</u>

Ku bw'iri teka, igihano nsimburagifungo ni igihano cyo gukora imirimo idahemberwa ifitiye igihugu akamaro, gikatiwe uwahamwe n'icyaha cya jenoside cyangwa ibindi byaha byibasiye inyokomuntu, akayikora mu gihe afungishijwe ijisho, kandi akayikorera ahantu habyemerewe, hakurikijwe ibiteganywa mu mutwe wa III w'iri teka.

Ahakorerwa iyo mirimo hashobora kuba mu butegetsi bwa Leta cyangwa mu bindi bigo ibyo ari byo byose, byemewe kubera inshingano byahawe zifitiye rubanda akamaro, n'inyungu iyo mirimo yakorerwa muri ibyo bigo yaba ifitiye abaturage.
Ingingo ya 3:

Imirimo ifitiye igihugu akamaro ishobora kuba igafitiye igihugu hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko.

UMUTWE WA II: INZEGO ZICUNGA KANDI ZIKURIKIRANA IRANGIZWA RY'IGIHANO NSIMBURAGIFUNGO

Icyiciro cya mbere: Ingingo rusange

Ingingo ya 4:

Hashyizweho Komite y'igihugu, Ubunyamabanga Nshingwabikorwa, Kormte y'Intara n'Umujyi wa Kigali, iy'Akarere n'iy'Umujyi n'iy'Umurenge zishinzwe gucunga no gukurikiranira hafi ishyirwa mu bikorwa ry'igihano nsimburagifungo.

Icyiciro cya 2: Komite y'Igihugu y'igihano nsimburagifungo cy'imirimo ifitiye Igihugu akamaro

Ingingo ya 5:

Komite y'Igihugu y'igihano nsimburagifungo cy'imirimo ifitiye igihugu akamaro igizwe na:

1. Minisitiri ufite Ubutabera mu nshingano ze: Perezida;

2. Minisitiri ufite Ubutegetsi bw'igihugu mu nshingano ze: Visi-Perezida;

3. Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komite y'Igihugu: Umwanditsi;

4. Uhagarariye Minisiteri ifite amagereza mu nshingano zayo;

5. Umushinjacyaha Mukuru wa Repubulika;

6. Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Inkiko Gacaca;

7. Komiseri Mukurn wa Polisi y'Igihugu;

8. Uhagarariye Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge;

9. Uhagarariye Minisiteri ifite umurimo mu nshingano zayo;

t0. Abantu 2 bahagarariye imiryango iharanira Uburenganzira bwa Muntu;

11. Abantu 2 bahagarariye imiryango iharanira inyungu z'abakorewe ibyaha, umwe w'igitsina gore n'undi w'igitsina gabo.

Ingingo ya 6:

Komite y'Igihugu ishinzwe:

1. Kwemeza politiki y'igihano nsimburagifungo, gahunda y'ingamba, ibikorwa n'ingengo y'imari by'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bwa Komite y'Igihugu y'igihano nsimburagifungo bya buri mwaka;

2. Gukurikiranira hafi imirimo y'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'igihano nsimburagifungo cy'imirimo ifitiye igihugu akamaro;

3. Kwemeza raporo ku irangizwa ry'igihano nsimburagifungo mu ghugu hose no kuyishyikiriza Minisitiri w'intebe;

4. Kugira Guverinoma inama mu bibazo bijyanye n'imirimo ifitiye igihugu akamaro, no ku buryo iyo mirimo yakwemerwa nk'igihano gishobora gusimbura igihano cy'igifungo ku byaha bisanzwe;

5. Gufata ibyemezo byose ibona ko ari ngobwa kandi byubahirije amategeko n'amabwiriza ariho, bigamije ishyirwa mu bikorwa ry'igihano nsimburagifungo cy'imirimo ifitiye igihugu akamaro;

6. Gukemura no gufasha gukemura ibibazo byose Komite z'Intara cyangwa Komite y'Umujyi wa Kigali zahuye na byo mu irangizwa ry'igihano nsimburagifungo;

7. Kwerekana imirimo idashobora gukorwa hakurikijwe ibivugwa mu ngingo ya 3 n'iya 25 y'iri teka no gukemura impaka zivutse kuri bene iyo mirimo;

8. Gushyiraho amategeko ngengamikorere yayo.

Ingingo ya 7:

Komite y'Igihugu iterana nibura rimwe mu gihembwe n'ikindi gihe cyose bibaye ngombwa, itumijwe na Perezida wayo cyangwa umwungirije, abyibwirije cyangwa abisabwe na kimwe cya gatatu cy'abayigize. Iterana kandi igafata ibyemezo iyo inama yitabiriwe nibura na bibiri bya gatatu by'abayigize.

Ingingo ya 8:

Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bwegamiye kuri Minisiteri ifite Ubutabera mu nshingano zayo, bufite ubwisanzure mu micungire y'abakozi n'umutungo, kandi buyoborwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa ushyirwaho n'iteka rya Minisitiri w'Intebe abisabwe na Minisitiri ufite Ubutabera mu nshingano ze.

Ingingo ya 9:

Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bushinzwe:

1. Gutegura no gushyira mu bikorwa imirimo yose ijyanye n'igenamigambi ry'igihano nsimburagifungo, gahunda y'ingamba, ibikorwa n'ingengo y'imari by'Ubunyamabanga Nshihgwabikorwa;

2. Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo bya Komhe y'Igihugu;

3. Gukurikiranira hafi, guhuza no kugenzura ibikorwa by'abakozi bashinzwe iby'imirimo ifitiye igihugu akamaro mu rwego rw'igihugu;

4. Gukora raporo y'isuzumabikorwa/isesengura ry'ibikorwa by'igihano nsimburagifungo buri mwaka;

5. Gusesengurira Komite y'Igihugu amaraporo ya za Komite zitandukanye z'imirimo ifitiye igihugu akamaro;

6. Gutegura inama za Komite y'Igihugu no gukorana n'izindi Komite;

7. Guhuza ibikorwa byo gushaka inkunga y'imishinga izakorwa nk'igihano nsimburagifungo;

8. Gukora indi mirimo yose Kormte y'Igihugu ibushinze.

Ingingo ya 10:

Ubunyamabanga Nshingwabikorwa buhabwa abakozi ba ngombwa n'inzego zibifitiye ububasha, hakurikijwe amategeka ariho n'ibikenewe byagaragajwe na Komite y'Igihugu. Tteka rya Minisitiri w'Intebe rishyiraho imbonerahamwe y'imirimo y'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bwa Komite y'Igihugu y'igihano nsimburagifungo cy'imirimo ifitiye igihugu akamaro.

Ingingo ya 11:

Umunyamabanga Nshingwabikorwa ahuza ibikorwa bya buri munsi by'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa akabazwa imikorere yabwo na Perezida wa Komite y'Igihugu akorera raporo y'ibikorwa, akagenera kopi abagize Kormte bose.

Ingingo ya 12:

Uretse abakozi batijwe Ubunyamabanga Nshingwabikarwa n'ibigo bishishikajwe n'igihano nsimburagifungo cy'imirimo ifitiye igihugu akamaro bagengwa n'amasezerano yumvikanyweho hagati y'ibyo bigo na Komite y'Igihugu, abakozi bashinzwe iby'igihano nsimburagifungo ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali, urw'Akarere n'Umujyi ndetse, byashoboka, ku rwego rw'Umurenge, bagengwa n'amategeko agenga abakozi bo mu Butegetsi Bwite bwa Leta cyangwa n'amasezerano y'akazi

Ingingo ya 13:

Inshingano y'umukozi ushinzwe igihano nsimburagifungo cy'imirimo ifitiye igihugu akamaro ni ugutunganya ikorwa ry'iyo mirimo mu ifasi ashinzwe, akurikije umurongo watanzwe na Komite y'Igihugu.

Ku rwego rwe, afasha mu ishyirwaho ry'imirimo ifitiye igihugu akamaro, nko mu gusesengura dosiye z'ibigo bisaba kwemererwa kwakira abakora iyo mirimo kimwe no kubashyira mu bigo yifashishije ibyo yakuye aho imirimo iteganyirijwe gukorerwa, no mu ikurikirana ry'abayikora, abasura aho bakorera.

Akora raporo buri kwezi ku ikorwa ry'imirimo ifitiye igihugu akamaro akayishyikiriza Kormte y'ifasi arimo kandi akagenera kopi Komite yo ku rwego rwisumbuye.

Icyiciro cya 3: Komite z'Intara, iy'Umujyi wa Kigali, iz'Uturere n'Imijyi, n'iz'Imirenge z'igihano nsimburagifungo

Akiciro ka mbere: Abazigize

Ingingo ya 14:

Komite y'Intara cyangwa iy'Umujyi wa Kigali y'igihano nsimburagifungo igizwe na:

I. Umukuru w'Intara cyangwa Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali: Perezida wa Komite;

2. Umushinjacyaha w'Intara cyangwa w'Umujyi wa Kigali: Visi-Perezida wa Komite;

3. Umukozi ushinzwe iby'igihano nsimburagifungo ku rwego rw'Intara cyangwa Umujyi wa Kigali: Umunyamabanga wa Komite;

4. Uhagarariye ku rwego rw'Intara cyangwa Urnujyi wa Kigali, Urwego rw'Igihugu rushinzwe Inkiko Gacaca;

5. Umuyobozi ufite imicungire y'amagereza mu nshingano ze ku rwego rw'Intara cyangwa Urnujyi wa Kigali;

6. Umuyobozi ushinzwe ubutegetsi n'amategeko ku rwego rw'Intara cyangwa rw'Umujyi wa Kigali;

7. Uhagarariye Polisi y'igihugu ku rwego rw'Intara cyangwa rw'Umujyi wa Kigali;

8. Uhagarariye Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge ku rwego rw'Intara cyangwa rw'Umujyi wa Kigali;

9. Abantu 2 bahagarariye . amashyirahamwe aharanira uburenganzira bwa Muntu akorera mu Ntara cyangwa mu Mujyi wa Kigali;

10. Abantu 2 bahagarariye mu Ntara cyangwa mu Mujyi wa Kigali amashyirahamwe aharanira inyungu z'abakorewe ibyaha, umwe w'igitsina gore n'undi w'igitsina gabo;

11. Umukangurambaga Ushinzwe amategeko mu nzego z'abari n'abategarugori mu Ntara cyangwa mu Mujyi wa Kigali.

Ingingo ya 15:

Komite y'Akarere cyangwa y'Umujyi y'igihano nsimburagifungo igizwe na:

1. Umuyobozi w'Akarere cyangwa Umujyi: Perezida wa Komite;

2. Uhagarariye ku rwego rw'Akarere cyangwa rw'Umujyi, Urwego rw'lgihugu rushinzwe inkiko gacaca ' Visi-Perezida;

3. Umukozi Ushinzwe igihano nsimburagifungo cy'imirimo ifitiye igihugu akamaro mu Karere cyangwa mu Mujyi: Umunyamabanga;

4: Umushinjacyaha ku rwego rw'Akarere cyangwa UmUjyi;

5. Ushinzwe ubukungu n'imari ku rwego rw'Akarere cyangwa rw'Umujyi;

6. Uhagarariye Polisi y'Igihugu ku rwego rw'Akarere cyangwa rw'Umujyi;

7. Abantu 2 bahagarariye imiryango iharanira Uburenganzira bwa Muntu ikorera mu Karere cyangwa mu Mujyi;

8. Abantu 2 bahagarariye mu Karere cyangwa mu Mujyi amashyirahamwe aharanira inyungu z'abakorewe ibyaha umwe w'igitsina gore n'undi w'igitsina gabo;

9. Umukangurambaga Ushinzwe amategeko mu nzego z'abari n'abategarugori mu Karere cyangwa mu Mujyi.

Ingingo ya 16:

Komite y'Umurenge y'igihano nsimburagifungo cy'imirimo ifitiye igihugu akamaro igizwe na:

1. Umuhuzabikorwa w'Umurenge: Perezida;

2. Ushinzwe imibereho myiza y'abaturage: Visi-Perezida;

3. Umunyamabanga watowe: Umunyamabanga;

4. Ushinzwe amajyambere mu murenge;

5. Abahuzabikorwa b'utugari twose tugize Umurenge;

6. Abantu 2 bahagarariye ku Murenge amashyirahamwe aharanira Uburenganzira bwa Muntu;

7. Abantu 2 bahagarariye ku Murenge amashyirahamwe aharanira inyungu z'abakorewe ibyaha;

8. Ushinzwe umutekano ku rwego rw'Umurenge;

9. Umukangurambaga Ushinzwe amategeko mu nzego z'abari n'abategarugori ku Murenge.

Akiciro ka 2: Inshingano

Ingingo ya 17:

Komite y'Intara cyangwa y'Umujyi wa Kigali ishinzwe guhuza ibikorwa bijyanye n'irangizwa ry'igihano nsimburagifungo mu Ntara cyangwa mu Mujyi wa Kigali. Muri urwo rwego:

1. Ikemura kandi igafasha gukemura ibibazo byose KomIte y'Akarere cyangwa y'Umujyi y'igihano nsimburagifungo iri mu ifasi yayo yahuye na byo;

2. Ishyikiriza KomIte y'Igihugu ibyifuzo byose byatuma irangiza ry'igihano nsimburagifungo cy'imirimo ifitiye igihugu akamaro rirushaho kugenda neza;

3. Ifata, mu ifasi yayo, ibyemezo byose ibona ari ngbmbwa kandi byubahirije amategeko n'amabwiriza ariho kugira ngo igihano nsimburagifungo cy'imirimo ifitiye igihugu akamaro kirangizwe neza;

4. Ishakisha imirimo ishobora gukorwa nk'igihano nsimburagifungo mu Ntara cyangwa mu Mujyi wa KIgali, ikayishyikiriza Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bwa KomIte y'Igihugu y'igihano nsimburagifungo;

5. Ihuza ibikorwa by'igihano nsimburagifungo mu ifasi yayo, ikabikorera isesengura na raporo igenera Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bwa KomIte y'Igihugu.

Ingingo ya 18:

Komite y'Akarere cyangwa y'Umujyi y'igihano nsimburagifungo:

1. Yandika kandi igafata ibyemezo byerekeye ukwemerera ibigo byabisabye, kuba byakwakira abakatiwe n'inkiko gacaca gukora igihano nsimburagifungo;

2. Ishaka mu ifasi yayo, imirimo n'imishinga ishobora gukorwa nk'igihano nsimburagifungo ikayikorera raporo igenerwa Komhe y'Intara;

3. Ishyira abakatiwe n'inkiko gacaca barangije kimwe cya kabiri cy'igihano cy'igifungo bahawe kandi batuye cyangwa bacumbitse mu ifasi yayo, aho bagomba kurangiriza igihano nsimburagifungo. Abashinzwe amagereza bagomba gushyikiriza Komite z'Intara n'Umujyi wa Kigali urutonde n'imyirondoro by'abafunzwe basigaje amezi atatu bagafungurwa, kugirango bakore iyo mirimo, na zo zikarushyikiriza Kormte z'uturere n'Imijyi;

4. Igenera uwakatiwe wese ingengabihe na gahunda y'uko igihano nsimburagifungo kirangizwa hakurikijwe ibiteganywa mu mutwe wa IV w'iri teka;

5. Isabira kongera gufungwa uri mu gihano nsimburagifungo utagikoze nk'uko biteganyijwe, hubahirijwe Ingingo ya 80 y' itegeko ngenga N° 16/2004 ryo ku wa 19/06/2004 rigena imiterere, ububasha n'imikorere by'inkiko gacaca zishinzwe gukurikirana no gucira imanza abakoze ibyaha bya jenoside n'ibindi byaha byibasiye inyokomuntu byakozwe hagati y'itariki ya mbere Ukwakira 1990 n'iya 31 Ukuboza 1994;

6. Ifata mu ifasi yayo, ibyemezo byose ibona ari ngombwa kandi byubahirije amategeko n'amabwiriza ariho kugirango igihano nsimburagifungo cy'imirimo ifitiye igihugu akamaro kirangizwe neza;

7. Ikora buri kwezi raporo y'ibikorwa byayo no ku irangizwa ry'igihano nsimburagifungo mu Karere cyangwa mu Mujyi, ikayishyikiriza Komite y'Intara cyangwa y'Umujyi wa Kigali, ikanagenera kopi Ubunyamabanga Nshingwabikorwa.

Ingingo ya 19:

Kormte y'Umurenge y'igihano nsimburagifungo:

1. ikurikirana mu ifasi yayo, irangizwa ry'igihano nsimburagifungo, ikabikorera raporo buri kwezi ishyikirizwa Kormte y'Akarere cyangwa y'Umujyi;

2. ifata ibyemezo byose ibona ari ngombwa kandi byubahirije amategeko n'amabwiriza ariho kugirango igihano nsimburagifungo kirangizwe;

3, ishyikiriza Komite y'Akarere cyangwa Umujyi ibyifuzo byose byatuma irangizwa ry'igihano nsimburagifungo rirushaho kugenda neza;

4. ikurikiranira hafi imyitwarire ya buri munsi y'abari mu gihano nsimburagifungo, ikayikoraho raporo ishyikirizwa Kormte y'AkareCe.

Ingingo ya 20:

Buri Kormte y'Akarere cyangwa y'Umujyi na buri Kormte y'Umurepge iterana nibura rimwe mu kwezi, naho buri Kormte y'Intara cyangwa y'Umujyi igaterana nibura rimwe mu gihembwe.

Buri Kormte iterana ku butumire bwa Perezida wayo cyangwa bw'umwungirije, abyibwirije cyangwa abisabwe na kimwe cya gatatu cy'abayigize.

Iterana kandi igafata ibyemezo iyo inama yitabiriwe nibura na bibiri bya gatatu by'abayigize. Ibyemezo byayo bifatwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'abaje mu nama.

UMUTWE WA III: IBIGO BYAKIRA ABARI MU GIHANO NSIMBURAGIFUNGO

Ingingo ya 21:

ibigo byifuza kwakira abakora igihano nsimburagifungo cy'imirimo ifitiye igihugu akamaro birabisaba.

Inzego z'ubutegetsi, ibigo bya Leta kimwe n'imiryango itegamiye kuri Leta byifuza kwandikisha imirimo bifite muri gahunda ku rutonde rw'imirimo ishobora gukorwa, bibisaba mu nyandiko Komite y'Akarere cyangwa y'Umujyi yo mu ifasi byifuza ko ikorerwamo.

Ingingo ya 22:

Ibaruwa isaba kwemerwa nk'ikigo cyakira abari mu gihano nsimburagifungo yandikirwa Perezida wa Komite y'Akarere igaherekezwa na:

1. Kopi iriho umukono wa Noteri y'inyandiko y'ubutegetsi yemera umuryango cyangwa kopi y'itegeko rishyiraho urwego rw'ubutegetsi rwa Leta;

2. Kopi y'amategeko agenga ikigo gisaba kwemererwa;

3. Urutonde rw'amashami y'ikigo n'aho afite icyicaro;

4. Imyirondoro y'abagize inama y'ubutegetsi, iy'abagize biro y'umuryango n'iy'ababihagarariye mu mashami yabyo, igaragaza amazina, igihe n'aho bavukiye, ubwenegihugu, umwuga, n'aho bibarurirwa.

Ingingo ya 23:

Ibaruwa isaba kwemererwa nk'ikigo cyakira abari mu gihano nsimburagifungo iherekezwa kandi n'inyandiko isobanura ubwoko n'uburyo imirimo yakorerwa muri icyo kigo yakorwamo, urwego rw'umurimo ruzakurikirana ikorwa ry'iyo mirimo ndetse n'umubare w'abagororwa icyo kigo gishobora kwakira.

Iyo nyandiko yerekana kandi niba umurimo wo gukora ari uhoraho cyangwa ari uw'igihe kigenwe; ikorwa n'abantu benshi mu matsinda cyangwa n'umuntu umwe; mu ntangiriro, hagati cyangwa mu mpera z'icyumweru; ku manywa cyangwa nijoro bitewe n'imiterere y'ibigomba gukorwa hamwe n'ubushobozi bafite kugirango iyo mirimo izakorwe.

Ingingo ya 24:

Komite y'Akarere cyangwa y'Umujyi yandikiwe ikora iperereza ryose rya ngombwa. Ifata icyemezo ishingiye ku kamaro imirimo isabirwa gukorwa yagirira abaturage n'icyo yamarira uyikora mu rwego rwo kongera gusubiza mu buzima busanzwe abari mu gihano.

Iyo mirimo ntigomba kuba igamije inyungu bwite za ba nyir'ibigo.

Inyungu ikigo kivana mu irangizwa ry'icyo gihano ishyirwa mu isanduku ya Leta.

Ingingo ya 25:

Hubahirijwe Ingingo ya 76 y'itegeko ngenga n° 16/2004 ryo ku wa 19/06/2004 rigena imiterere, ububasha n'imikorere by'inkiko Gacaca zishinzwe gukurikirana no gucira imanza abakoze ibyaha bya jenoside n'ibindi byaha byibasiye inyokomuntu byakozwe hagati y'itariki ya mbere ukwakira 1990 n'iya 31 ukuboza 1994 kandi bitabangamiye ibiteganywa n'ingingo ya 6 y'iri teka, imirimo ishobora gukorwa mu rwego rwo kurangiza igihano nsimburagifungo ni imirimo y'ubwoko bwose harimo:

1. Kurwanya isuri;

2. Imirimo yerekeye gufata neza inzuzi n'ibiyaga;

3. Gufata neza ibidukikije, gutera amashyamba no gukorera asanzwe;

4. Gutunganya ibishanga n'amaterasi y'indinganire;

5. Imirimo yo gushyira ibikoresho mu mazu akoreshwa mu buryo bwa rusange no kubisana;

6. Imirimo yerekeranye no gufata neza amazu ya Leta n'ibindi byo mu mutungo wayo, nk'ubusitani abantu baruhukiramo n'ubusitani bw'umurimbo;

7. Imirimo yo kubaka no gusana amashuri, amavuriro, amazu y'abatishoboye ariko bisabwe n'Ubuyobozi bw'Akarere cyangwa bw'Umujyi, n'amazu y'ibigo bikorera abaturage;

8. Kubaka no gusana imihanda n'amateme;

9. Guhinga imyaka izagaburirwa abagororwa muri gereza cyangwa abandi Leta ifite inshingano zo gutunga;

10. Ibindi byagenwa na Komite y'Igihugu y'igihano nsimburagifungo.

Ingingo ya 26:

Inyandiko yemerera ikigo kirangirizwamo gghhano nsimburagifungo yerekana:

1. Ubwoko bw'umurimo w'igihano nsimburagifungo n'aho uzakorerwa;

2: Umubare w'abagororwa bemerewe kuri uwo murimo, umwirondoro wabo n'umwuga wabo iyo uzwi;

3. Urwego rw'umurimo rushinzwe gukurikirana irangizwa ry'igihano nsimburagifungo**.**

Ingingo ya 27:

Nyuma yo kwemererwa abagororwa bakirangirizamo igihano nsimburagifungo. ikigo gisinyana amasezerano na Komite y'Akarere cyangwa y'Umujyi, Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bukagenerwa kopi:

Imiterere y'amasezerano n'igihe amara bigenwa na Komite y'Akarere cyangwa y'Umujyi.

Ingingo ya 28:

Komite yose y'Akarere cyangwa y'Umujyi itanze cyangwa ivanyeho icyemezo cyemerera ikigo kwakira abari mu ghano nsimburagifungo ibimenyesha Komhe z'Imirenge ziri mu ifasi yayo na Komite y'Intara cyangwa y'Umujyi wa Kigali, igatanga kopi ku Bunyamabanga Nshingwabikorwa.

UMUTWE WA IV: IKORWA RY'IMIRIMO Y'IGIHANO NSIMBURAGIFUNGO

Ingingo ya 29:

Mu minsi mirongo itatu ibanziriza ifungurwa ry'uwakatiwe igihano nsimburagifungo. Komite y'Akarere cyangwa y'Umujyi imumenyesha mu nyandiko aho azakirangiriza n'ubwoko bw'imirimo ihateganyirijwe.

Ingingo ya 30:

Komite y'Intara cyangwa y'Umujyi wa Kigali, ibisabwe na Komite y'Akarere cyangwa y'Umujyi ugomba gukora imirimo y'igihano nsimburagifungo atuyemo, ishobora kumushyira mu mirimo ikorerwa mu ifasi y'akandi Karere cyangwa y'Umujyi iri mu ifasi y'iyo Ntara cyangwa y'Umujyi wa Kigali.

Komite y'intara cyangwa y'Umujyi wa Kigali, ibisabwe na Komite y'iyindi Ntara cyangwa y'Umujyi wa Kigali kandi ibyumvikanyeho na Komite z'Uturere cyangwa z'Imijyi abagomba kurangiza igihano nsimburagifungo batuyemo cyangwa bacumbitsemo, ishobora kuyiha abagororwa kugirango ibashyire mu mirimo ikorerwayo. Umugororwa urangiza igihano nsimburagifungo yakatiwe mu buryo buteganywa muri iyi ngingo akurikiranwa na Komite y'ifasi akoreramo imirimo y'igihano nsimburagifungo mu buryo buteganvwa n'iri teka.

Ingingo ya 31:

Mu itangira ry'imirimo y'igihano nsimburagifungo, uwakatiwe agomba kujya aho iyo mirimo ugomba gukorerwa, yitwaje inyandiko imumenyesha aho azarangiriza igihano nsimburagifungo.

Ingingo ya 32:

Bitabangamiye amasaha yemewe y'akazi, igihano nsimburagifungo gikorwa mu minsi itatu (3) mu cyumweru. igihano cyavuzwe kirangira ku munsi w'irangira ry'igihano cy'igifungo cyatanzwe n'Urukiko-Gacaca.

Nyamara, bisabwe n'ikigo kandi ku bwumvikane bwacyo n'uwakatiwe, Komite y'Akarere cyangwa y'Umujyi ishobora kwemera ko iminsi iteganyijwe mu gihe kitarenze umwaka, ikomatanywa bitewe n'imiterere y'umurimo ugomba gukorwa.

Ingingo ya 33:

Umurimo wose ufitiye igihugu akamaro ukorwa muri gahunda no mu ngengabihe byumvikanyweho na Komite y'Akarere cyangwa y'Umujyi n'ikigo gikoresha imirimo.

Gahunda n'ingengabihe bikurikizwa mu kigo bimanikwa ku nkuta cyangwa ku myanya yabugenewe mu kigo no mu Karere cyangwa mu Mujyi by'aho imirimo ikorerwa.

Ingingo ya 34:

Igihe kigenewe imirimo ifitiye igihugu akamaro gishobora gusubikwa bitewe n'impamvu zikomeye.

Iryo subika ryemezwa na Komite y'Akarere bisabwe na Komite y'Umurenge, ibyibwirije cyangwa imaze gusuzuma impamvu zitera isubikwa.

lyo impamvu yateye isubikwa itakiriho, uri mu gihano nsimburagifungo arangiza iminsi yose yari asigaje.

Ingingo ya 35:

Ishyirwa ry'abagororwa mu bigo bagomba kurangirizamo igihano nsimburagifungo rikorwa hitawe:

1. Ku bituma ibigo byakira abakora imirimo bikora neza;

2. Ku mirimo ibyo bigo biba byatanze n'akamaro ifitiye igihugu;

3. Ku bushobozi bw'umugororwa bwaba ubw'umubiri cyangwa ubw'ubumenyi;

4. Ku bushobozi ibyo bigo bifite bwo kurangiza imishinga bashakira inkunga y'igihano nsimburagifungo:

5. Kuba bikora imirimo iri muri gahunda za Leta cyangwa izuzuza.

Harebwa kandi aho abagororwa batuye, n'uburyo imirimo izakorwa izorohereza abaaororwa mu gusubira mu buzima busanzwe.

Ingingo ya 36:

Ibigo n'amashyirahamwe birangirizwamo igihano nsimburagifungo cy'imirimo ifitiye igihugu akamaro bikorera buri gihembwe Komite y'Akarere cyangwa y'Umujyi yabyemereye abagororwa, raporo yemejwe n'abagize Komite y'Umurenge bikoreramo; bikagenera kopi Komite y'Intara cyangwa Umujyi wa Kigali.

Ingingo ya 37:

Imirimo y'igihano nsimburagifungo igengwa n'ibikubiye mu mategeko n'amateka yerekeye iby'ubuvuzi, akazi ka nijoro, isuku, umutekano ku murimo, inzego zita ku buzima bw'abakozi mu bigo n'ayerekeye akazi k'abagore n'abana.

Gukora imirimo y'igihano nsimburagigungo bishobora kubangikanywa n'akandi kazi iyo gukora ako kazi bitabangamira na busa irangizwa ry'igihano cyategetswe n'urukiko.

Ingingo ya 38:

Uwakatiwe igihano nsimburagifungo ntafite uburenganzira bwo kuva mu gihugu keretse ku mpamvu zikomeye cyane zemewe na Komite y'Igihugu, cyangwa kuva mu Ntara cyeretse byemewe na Komite y'Intara, no mu Karere cyeretse abisabye akabyemererwa na Komite y'Akarere akoreramo igihano.

Ntibemerewe kandi kuva mu mbibi zagenwe n'urukiko igihe cyo kubakatira igihano cyo gufungishwa ijisho. keretse byemewe na Komite y'Intara y'igihano nsimburagifungo.

Mbere yo kujya mu rugendo rwose rushobora gutuma adakora iyo mirimo, uri mu gihano agomba kubanza kubyemererwa na Komite y'Akarere imirimo ikorerwamo.

Iyo komite ifata icyemezo imaze kumva icyo ikigo gikorerwamo iyo mirimo na Komite y'Umurenge bibitekerezaho.

UMUTWE WA V: IHAGARIKWA RY'IKORWA RY'IMIRIMO Y'IGIHANO NSIMBURAGIFUNGO

Ingingo ya 39:

Ikigo gikoresha imirimo kimenyesha bidatinze Komite y'Akarere cyangwa y'Umujyi hamwe n'umukozi ushinzwe iby'igihano nsimburagifungo mu Karere cyangwa mu Mujyi, ikosa ryose uwakatiwe akoze hamwe n'ikintu cyose yangije cyangwa cyamwangije akora akazi. KomIte y'Akarere ifata ibyemezo byose isanga ari ngombwa.

Iyo ari ikindi cyaha akoze, igihe yari amaze muri icyo gihano kiba imfabusa, agasubira muri gereza kurangiriza igice cy'igifungo yari asigaje, kandi akanakurikiranwa ku cyaha gishya yakoze, hubahirijwe Ingingo ya 74 y' itegeko-ngenga n° 16/2004 ryo ku wa 19/06/2004 rigena imiterere, ububasha n'imikorere by'inkiko gacaca zishinzwe gukurikirana no gucira imanza abakoze ibyaha bya jenoside n'ibindi byaha byibasiye inyokomuntu byakozwe hagati y'itariki ya mbere ukwakira 1990 n'iya 31 ukuboza 1994.

Ingingo ya 40:

lyo Komite isanze uwakatiwe igihano nsimburagifungoatagikora uko bikwiye, icyo gihano kivanwaho, iminsi yari amaze gukora ikaba imfabusa, agasubizwa muri gereza kuharangiriza igihano cy'igifungo yakatiwe n'Urukiko-gacaca.

UMUTWE WA VI: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA

Ingingo ya 41:

Hubahirijwe ibiteganywa n'ingingo ya 81 y' itegeko-ngenga n° 1G/2004 ryo ku wa 19/06/2004 rigena imiterere, ububasha n'imikorere by'inkiko gacaca zishinzwe gukurikirana no gucira imanza abakoze ibyaha bya jenoside n'ibindi byaha byibasiye inyokomuntu byakozwe hagati y'itariki ya mbere Ukwakira 1990 n'iya 31 Ukuboza 1994, irangizwa ry'igihano nsimburagifungo rikorwa kugeza ku munsi w'irangira ry'igihano cy'igifungo cyatanzwe n'urukiko-gacaca.

IkIgo cyakorewe imirimo y'igihano nsimburagifungo giha Komite y'Akarere cyangwa y'Umujyi hamwe n'uwakatiwe, urwandiko rwemeza ko yarangije ibyo yasabwaga gukora mu gihe giteganyijwe kandi umukozi ushinzwe iby'igihano nsimburagifungo muri ako karere akabyemeza.

Kopi y'urwo rwandiko ihabwa KomIte y'Umurenge, KomIte y'Intara cyangwa y'Umujyi wa Kigali n'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa hamwe n'Urukiko-Gacaca rwamukatiye bwa nyuma.

Ingingo ya 42:

Komite z'igihano nsimburagifungo cy'imirimo ifitiye igihugu akamaro zashyizweho hashingiwe ku Iteka rya Perezida n°26/O1 ryo ku wa 10/12/2001 zigumaho, zikongerwamo abasimbura aho bikenewe.

Ingingo ya 43:

Iteka rya Perezida n°26/O1 ryo ku wa 10/12/2001 ryerekeye igihano nsimburagifungo cy'imirimo ifitiye igihugu akamaro n'ingingo z'andi mategeko n'amateka abanziriza iri kandi zinyuranye na ryo bivanyweho.

<u>Ingingo ya 44</u>:

Iri teka ritangira gukurikizwa umunsi ritangarijwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda, ariko agaciro karyo gahera ku wa 19/06/2004.

Kigali, ku wa 07/03/2005

Perezida wa Repubulika
KAGAME Paul
(sé)

Minisitiri w'Intebe
MAKUZA Bernard
(sé)

Minisitiri w'Ubutabera
MUKABAGWIZA Edda
(sé)

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu,
Imiyoborere Myiza, Amajyambere Rusange
n'Imibereho Myiza y'Abaturage
MUSONI Protais
(sé)

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Minisitiri w'Ubutabera
MUKABAGWIZA Edda
(sé)